

# NYIRAMUBANDE

IKINYAMAKURU CYA EJO YOUTH ECHO CYANDIKWA N'URUBYIRUKO RWO MU NKAMBI N'URWO MU NKENGERO ZAZO

11  
2021

“ UBUDASA  
NTIBUKWIYE  
KUBA IKIBAZO ”



**giz** Deutsche Gesellschaft  
für Internationale  
Zusammenarbeit (GIZ) GmbH

**zfd** Ziviler Friedensdienst  
Civil Peace Service  
We don't turn our backs on conflict.



IKI KINYAMAKURU  
NI UBUNTU!

# IJAMBO RY'IBANZE

Ku ishuri kimwe n'ahandi hahurira abantu benshi, amakimbirane aturuka ku kutumva kimwe ibintu, imico n'imyitwarire bitandukanye, kutubahiriza inshingano zikureba ni bimwe mu bikunze kwiganza mu bitera amakimbirane. Aya makimbirane kandi agaragara hagati y'abanyeshuri ubwabo cyangwa se hagati y'abanyeshuri n'abarimu babo aturutse kenshi ku bihano bahabwa.

Ikaze muri nomero ya 11 ya Nyiramubande!

Impuguke mu mibanire y'abantu zemeza ko ahantu hahurira abantu barenze umwe, by'umwihariko baturuka mu bice bitandukanye, hadashobora kubura amakimbirane bitewe n'impamvu zitandukanye. Izi mpuguke kandi zemeza ko nubwo iri tandukaniro riri hagati y'abantu riteza amakimbirane, biramutse birebewe mu nguni y'amahirwe byabyarira umusaruro umuryango mugari abo bantu barimo.

Muri iyi nimeru ya 11 ya Nyiramubande turaganira ku makimbirane akunze kwiganza mu mashuri ndetse n'ibiyatera. Turigira hamwe uko twagakwiye kwitwara kugira ngo tugabanye ingaruka zayo mu gihe avutse, uko abahoze bigana bakagirana amakimbirane bayakemuye bagafashyanya mu masomo yabo, uko kuri ubu abanyeshuri bakemura amakimbirane ku ishuri mu gihe avutse, uruhare rwo kuba abanyeshuri b'impunzi n'Abanayranda bigana mu kubaka amahoro, uruhare rw'ababyeyi mu gukemura amakimbirane abana bahura nayo mu gihe bari ku ishuri n'icyo abafite mu nshingano uburezi babivugaho.

Ese wowe nk'umusomyi wa Nyiramubande, ubona amakimbirane ku ishuri aterwa n'iki? Agira izihe ngaruka kumyigire? Dusangize igitekerezo cyawe! Muri iki kinyamakuru Nyiramubande hari umwanya twahariye urubuga rw'abasomyi kugira ngo mudusangize ibitekerezo byanyu, inyunganizi cyangwa ibyifuzo.

Mushobora kutugezaho ubwo butumwa mwifashishije urupapuro rwabugenewe, cyangwa kuri nimeru

**0787581411 / 0728028232.**

Turabashimiye mwe mukomeje gusoma Ikinyamakuru Nyiramubande.

**Ubwanditsi bukuru!**

## **UBWANDITSI BUKURU**

### UHAGARARIYE UBWANDITSI

UWAMAHOHO Nadine

### ABAFASHIJE UBWANDITSI

NISHIMWE Henriette  
MBONIGABA Jean Damascene  
TWISHIME Jean Claude (MINEMA)

### ABANOGEJE IMYANDIKIRE

MUHAWENAYO Jean Aimé (Ikinyarwanda)  
NIMBONA Audace (Ikirundi)

### UWAKUSANYIJE IBITEKEREZO BY'ABASOMYI

UWICYEZA Christella

## **ABANDITSI**

### KIGEME

MUTABAZI Yves  
SHYAKA Rodrigue  
NIYIDUKUNDA Chantal  
SHUKURU Alphonse  
MUGISHA Willy

### MAHAMA

NGENDAKUMANA Jacques  
KUBWIMANA Alexis  
IRIBAGIZA Fazil  
HAKIZIMANA Emmanuel

### MUGOMBWA

NIKUZE Seraphine  
RAFIKI Claude  
FURAHA Gentille  
MUKAMURERA Deborah  
BYRINGIRO Damascene  
UWASE Nyirabukara

### HUYE

IRAMBONA Serge  
NDUWIMANA Anick  
GANZA SABIN Clebert  
IRADUKUNDA Irene  
KAYITESI Liliane

LAYOUT DESIGNER

NTAKIRUTIMANA Olivier

EDITOR

HARO RUIZ Celia

UWASHUSHANYIJE

IRAMBONA Serge

# IBIRIMO

## IBITEKEREZO BY'URUBYIRUKO

04. NI BYINSHI BIYATERA
05. NI AHA BURI WESE NGO YISUZUME
06. BITERWA NO KUBA ABANTU BARAKURIYE MU BUZIMA BUTANDUKANYE CYANGWA IKIGARE
07. NTA ZIBANA ZIDAKUBITANA AMAHEMBE
08. BAKEMURA AMAKIMBIRANE BINYUZE MU IKINAMICO
09. NTIWATSINDA BIMEZE BITYO
10. KU ISHURI BAYAKEMURA BATE?
11. AMAKIMBIRANE MU BANYESHURI AGIRA INGARUKA KU MYIGIRE YABO

## IBITEKEREZO ABABYEYI

12. NA BO BIBAGERAHO
13. UWACIYE KU NTEBE Y'ISHURE NTAGIRIRA
14. NTIBIREBA MWARIMU GUSA
15. IYO BAGIRANYE AMAKIMBIRANE BABYITWARAMO BATE?

## BABIBONA BATE ?

18. DUSHYIRAHO IBIKORWA BIBAHUZA
19. KU ISHURI ABANA BACU BAHABWA BYOSE KIMWE N'AB'IMPUNZI
20. TUBAKURIKIRANYE BYADUFASHA TWESE
21. TWAHINDUTSE ABAVANDIMWE NYUMA YO GUKUNDA UMUKOBWA UMWE

## BYAKEMUKA BITE ?

22. ABANYESHURI NI BO BAGOMBA KUBIGIRAMO URUHARE RUNINI
23. UMUTI W'AMAKIMBIRANE NI UKO BURI WESE YAMENYA INSHINGANO ZE
24. NIBUZUZA INSHINGANO ZABO BIZABAFASHA

## IKUSANYIRIZO RY'AMAFOTO

- 26, 27. IKUSANYIRIZO RY'AMAFOTO

## INKURU ISHUSHANYIJE

- 28, 29. INKURU ISHUSHANYIJE

## URUBUGA RW'ABASOMYI

- 30, 31. URUBUGA RW'ABASOMYI

# NI BYINSHI BIYATERA

**K**u ishuri ni hamwe mu hantu hahurira abantu benshi baturutse imihanda myinshi. ndetse bafite na byinshi batandukaniyeho ku buryo hatabura amakimbarane. Bamwe mu banyeshuri biga mu bigo biri mu Murenge wa Gasaka bavuga ko amakimbarane akunze kugaragara ku bigo byabo akenshi aba ashingiyeye ku muco n'inyumvire ya bamwe. Ku buryo ashobora no kuba yakura agafata aindi ntera.



**UWINEZA Clementine** avuga ko amakimbarane agaragara mu bigo by'amashuri ari ukutiyumvanamo hagati y'Abakongomani n'Abanyarwanda kandi ibyo byangiza ubusabane bari bafitanye na bagenzi babo bityo bigatuma habaho amakimbarane adashira.




**MBARUSHIMANA Kamali** we avuga ko amakimbarane atabura aho abantu bateraniye, kuko we we aho yiga hakunda kugaragara amakimbarane ashingiyeye k'umuco waho abantu baturuka, gutukana ndetse no kudahuza kwa bamwe na bamwe, ariko abarimu babo bihutira kubafasha kuyakemura hakiri kare.



**NIYIGENA Jean Nepo** avuga ko we mu kigo yigamo nta maki- mbarane abona. Ati: "Ishuri ryigamo twese, dusa- ngirira hamwe kandi tugafatanya gusobanurirana amsomo".



**TUYISENGE Paccy** agira ati: "Ubusumbane bugaragara hagati y'abanyeshuri, aho usanga kuba umunyeshuri arushije abandi ubushobozi biteza umwiriyane muri bagenzi be bityo bigateza amakimbarane, na none iyo umunyeshuri ari umuhanga akanga gusobanurira bagenzi be biteza amakimbarane hagati yabo".



**ISHIMWE Venantie** avuga ko amakimbarane agaragara mu kigo yigamo harimo kwirondana hagati yabo mu gutora abayobozi, andi makimbarane akaboneka iyo hagize urwara wo hanze y'inkambi ntasurwe kandi uwo mu nkambi yarwara ugasanga bahihimbikanye mu kumusura, ikindi nkiyo bari mu karuhuko ka saa yine hanze biremamo ibice bamwe ukwabo n'abandi ukwabo.

# NI AHA BURI WESE NGO YISUZUME

**K**witana amazina mabi, guharirana imirimo, kutubahana ndetse no kwibana ibikoresho by'ishuri, ni bimwe mu bitera amakimbirane hagati y'abanyeshuri bigana. Rumwe mu rubyiruko rwo mu Nkambi ya Kigeme rwiga mu bigo bya Groupe Scolaire GASAKA na Groupe Scolaire KIGEME B baravuga ibitera amakimbirane mu bigo by'amashuri ndetse nuko yakemuka.



**UWINEZA Aline** wiga muri **GS GASAKA**, ati: "Hari igihe umunyeshuri mugenzi wawe akwiba ikayi wanditsemo amasomo yose kuko we agira ubunembwe bwo kwandika, rero iyo umumenye wenda akayigusubiza cyangwa ntayigusubize amakimbirane ahera aho. Buri munyeshuri akwiye gukora ibyo agomba gukora ndetse n'umuco mubi w'ubujura ugacika, igihe ukeneye ibikoresho bya mugenzi wawe ukamutira, rero ni aha buri wese rero ngo yisuzume icyamuteranya na mugenzi we acyirinde".



**SEMU Prince** wiga muri **G S Kigeme B** avuga ko igitera amakimbirane ari uko hari ibyo batumvikanaho nk'abanyeshuli cyangwa n'abayobozi aho usanga nk'umunyeshuri agiranye ikibazo n'umuyobozi aho kugikemura ugasanga babigize birebire kugeza umunyeshuri yirukanwe. Ati: "Abayobozi babika inzika ugasanga muhuriye mu kibazo agakomeza kukugendaho ku buryo iyo wongeye gukora ikosa atagufata nk'abandi, ahubwo ahita aguhana yihanukiriye akanakwirukana. Ahubwo njyewe mbona umuyobozi yajya atanga igihano kingana n'ikosa kandi akamenya kubabarira".



**KAZUNGU James** wiga muri **GS Gasaka** avuga ko amakimbirane hagati y'abanyeshuri aterwa no kutubahana ugasanga hari umunyeshuri mukuru ariko abo bigana batamwubaha akaba yahohotera abo bato. Ati: "Hari igihe haba harimo umunyeshuri uruta abandi ugasanga abandi baramusuzugura ngo ni umuswa, ni mukuru, uwo mukuru akaba yahutaza abo bato bigana, bigatuma bagirana amakimbirane".



**IRAGUHA Emile** wiga muri **GS KIGEME B**, ati: "Amakimbirane aterwa nuko benshi batumva kimwe ibintu hakabamo umunyamakosa n'umunyakuri bakananirwa kumvikana ku kintu runaka bikababyarira amakimbirane muri ubwo buryo. Buri wese yakagombye kubaha uruhande rwa mugenzi we akumva ibitekerezo bye nta byo kubica amazi ahubwo tugakosorana".



**UMUHOZA Gentile** wiga **GS GASAKA** avuga ko amakimbirane aterwa n'ibiganiro bishingiye aho muntu atuye, bamuseka bitewe n'aho aturuka. Ati: "Hari igihe usanga umuntu aturuka nka Bunyambiriri abandi bakamuseka bavuga ko ari umuturage bikaba byamutera kwiheba ndetse no kubabara ntabane neza n'abandi. Buri wese yakagombye kubaha umuntu babana atitaye ku cyo ari cyo kuko hari igihe ukomeretsa umuntu mu buryo nawe utazi".

Undi utashatse gutangaza amazina ye wiga muri **GS Gasaka** avuga ko amakimbirane aterwa no kumva ko hari ibyo abakobwa bakora mu ishuri abahungu batakorera, ibyo bamwe bafata nk'agasuzuguro no kubavunisha. Ati: "Hari ibintu mu kigo abakobwa bakora abahungu batabafasha nko kwarura, guterura ibiryo ndetse no koza ibikoresho byo ku meza bityo rero abakobwa bikatuvuna ndetse bikatugora. Bagomba guhinduka kuko twese twaje kwiga, tugomba no gufatanyana mu nshingano z'ishuri duhuriyeho n'imirimo dusabwa gukorera hamwe, bizazamura umwuka mwiza hagati yacu".



**UTAMURIZA Divine** wiga muri **GS KIGEME B**, ati: "Hari igihe nk'umwarimu akwima amanota cyangwa undi muyobozi mu kigo akakwima uruhushya urukeneye cyangwa n'ikindi kandi ugikeneye ndetse ukigenewe ariko akakikwima, bikaba byatera amakimbirane hagati yawe n'umurezi. Abarezi bagomba guhinduka bakumva ikibazo cy'umuntu, ibyo byakongera umubano mwiza hagati yabo n'abanyeshuri".

**UWERA SANDRINE**, ati: "Imyemerere ishingiye ku madini na yo akenshi itera amakimbirane, kuko hari abavuga ko hari abatazi aho isi igeze bitewe n'ibyo bizera, ko ari abaturage, badasobanutse bakagenda babavugaho n'ibindi bitari byiza. Buri wese afite imyemerere ye nuko yigenga, rero yakubashye mugenzi we mu nzira yahisemo ibyo byakemura amakimbirane".

Inkuru ya SHYAKA Rodriguez. | Amafoto ya MUTABAZI Yves.

# BITERWA NO KUBA ABANTU BARAKURIYE MU BUZIMA BUTANDUKANYE CYANGWA IKIGARE

**R**imwe na rimwe haba amakimbirane hagati y'abanyeshuri n'abarimu cyangwa ubuyobozi bw'ishuri aterwa n'impamvu nyinshi zirimo no kuba hari abanyeshuri bumva ko kuba hari ibyo batemerwa gukora mu gihe cy'amasomo ari ukubuzwa uburenganzira bwabo kandi ari ukubafasha kwiga. Muri ibyo harimo kugera no kuvira mu ishuri igihe bashakije, kurya no kunywa ibyo bashakye nyamara rimwe na rimwe harimo n'ibiyobyabwenge, gutereka umusatsi nibindi.



**Ese haba hari isomo abanyeshuri bafatirwa muri aya makosa bakura mu bihano bahabwa?**

Ikinyamakuru Nyiramubande cyaganiriye na bamwe mu banyeshuri biga mu Kigo cya Paysannat L bafatiwe hanze y'ikigo mu masaha yo kwiga bari mu bikorwa birimo iby' urukozasoni n'ubusinzira bavugaga ko byabagizeho ingaruka mbi zirimo no kumara iminsi barahagaritswe kwiga, bityo bakagira inama bagenzi babo yo kwirinda ibikorwa bibashora mu ngeso mbi ahubwo bagakurikiza amabwiriza y'ishuri.

Umwe muri aba banyeshuri wiga muri **G.S Paysannat L C** avugaga ko we na bagenzi be bafatiwe hanze y'ikigo banyuma inzoga abandi bari mu bikorwa by' urukozasoni ngo none byamugizeho ingaruka mbi zirimo no kwirukanwa akamara icyumweru mu rugo yitekerazaho. Ati: "Kuba narafatiwe hanze byansigiyeye ikimwaro mu bandi ndetse nsubira inyuma mu myigire kuko nasanze abandi baransize kandi n'igihe nari mu gihano ntibyari byoroshye kuko

natekerezaga ko abandi bari kwiga bikanshengura umutima bikantera kwicuza, mbese nkumva uwampa amahirwe yo gusubiza ibihe inyuma ntarikuba naratorotse ikigo ngo nge kunywa ibiyobyabwenge".

Mugenzi we wiga muri **G.S Paysannat L B** avugaga ko we yafashwe ari kumwe na bagenzi be basinze gusa ngo we ntiyari yasinze ahubwo yahanwe nk'uwari watorotse ikigo. Avugaga kandi ko ibi byamugizeho ingaruka mbi zirimo kuba atakisanzura ku bayobozi kuko ngo iyo ababonye yiruka akeka ko bagiye kongera kumuhana kandi bayarangiyeye.

Akomeza agira ati: "Hari amasomo menshi yacitse ubwo nari hanze y'ikigo kandi kugira ngo nyige byantwaye imbaraga nyinshi. Ndagira bagenzi bange inama yo kubaha amategeko y'ikigo, kwigana umwete no kwirinda ikigare kibi kuko ari cyo cyacutse".

Inkuru ya IRIBAGIZA Fasil. | Ifoto ya: INGABIRE Eric.

# NTA ZIBANA ZIDAKUBITANA AMAHEMBE

Inkuru yanditswe mu Kirundi

**“ Ahari abantu hama uruntu runtu”, kandi ngo “ntazibana zidakubitana amahembe”. Naho amatati atari meza, ni kimwe mu vyerekana ko abantu hari ivyo bahuriyeko. Barashobora gupfa ivyo bakorana, canke kutabona kumwe ibintu. Biragoye rero ko abantu bashobora kubana igihe kirekire ata matati yibonekeje hagati yabo. Ikinyamamakuru Nyiramubande caraganiriye n’abanyeshure bo mu kigo c’ishure kiri mu kagari ka Munini, umumurenge wa Mahama, akarere ka Kirehe ciga mwo Abanyarwanda. impunzi z’Abarundi niz’Abakongomani baratubwira amatati akunze kuhabera n’ikiyatera.**



**MUTONI Jeanine**, ni umunyarwandakazi yiga mu mwaka wa 5 w’amashure yisumbuye mu gisata ca **H.E.G.** Avuga ko amatati azi ari ay’ababa bayobewe ntibimuke, bagata ishavu ku barimu bigisha ivyigwa biba vyabananiye ngo nibo babiteye kandi aribo baba batize neza ngo baronke amanota yobatuma bimurwa. Aranavuga ko hari ukuntu usanga hari utugwi tugwi tuba tugizwe n’abava hamwe, Abarundi ukwabo, Abanyarwanda ukwabo eka n’Abakongomani bakaja ukwabo. *“Ico naco kikaba ari ikintu kibi kigaragaza ingorane zishobora no kuba intandaro y’ayandi matati kuko biba bigoranye ko bafashanya mugihe batari mu murwi umwe. Vyiza rero bose bogira ubumwe, bagakundana bagakorera hamwe vyose.”* Uko niko Mutoni Jeanine abandanya abivuga.



Nayo **MPFIZI Fabrice**, Umukongomani yigana na **MUTONI**, avuga ko amatati atabura narirya bigana bava mu bihugu bitandukanye, kandi bafise imico idasa. Hari n’ayataba akwiye kuhaba nk’ayajanye no gufatira mu kivunga aho iyo bishitse umunyeshure agakora ikosa canke akigenza nabi bica vyitirirwa abo bava mu gihugu kimwe bose. Hagize uwitura inzego gusaba gutunganirizwa ku nzego zitandukanye, bikaba vyomugirira ingaruka mbi kandi atari we yakoze ikosa. Ahanura avuga ati: *“Twoshira hamwe tukunvikana, tukama dutahurana, vyose vyogenda neza hanyuma abanyeshure nabo bakubaha kuko hari nk’uwo batuma umuvyeyi n’amuzane n’ibindi”.*



Nayo **KWIZERIMANA Anne-Lyse**, Umurundikazi yiga mu mwaka wa 5 w’amashure yisumbuye mu gisata ca **M.E.G** avugako hari n’amatati ahaba kenshi aturutse ku mfungurwa baronswa kw’ishure. Iyo baje kwandika ibitigiri vy’abanyeshure batanze hari igihe usanga hari ababa basohotse ishuri canke ikigo n’abandi baba batarashika kw’ishuri, hagera ko bazana imfungurwa zigasangirwa na bose kandi bateguye ivya bake bigatuma biba bikeya abanyeshure bakavyidogera. Ayandi aturuka kubanyeshure baza mu kigo basa naho baborewe canke bafashe ibindi bintu tutazi, bagateza akajagari hagati ya bagenzi babo, be n’abarimu canke abandi bakozi.

**AKIMANA Darlene**, Umurundikazi ari mu wa 3 w’amashure yisumbuye yatubwiye ko amatati akunze kuva ku banyeshuri batoroka bakajya hanze y’ikigo hanyuma abarezi bababaza iyo bavuye bagaca batangura kubishura nabi, aho rimwe na rimwe baba bameze nk’ababorewe. Eka ngo hari n’abahungu bahora bashwana bapfa abakobwa canke n’abakobwa bapfa abahungu bamwe bavuga ko abandi babatwaye abo bakundana. Ariko ivyo ntibikwiye kubera kw’ishure kuko ntibiba biri mu vyabazanye. Kuba ari no kwereka akarorero kabi batoya babo biga muri iki kigo.



Kubwa **BIZOZABISHAKA Jean de Dieu**, Umurundi wo mu mwaka wa 5 w’amashure yisumbuye mu gisata ca **M.E.G** nawe nyene yavuze ku kibazo kijanye n’ibifungurwa, anavuga n’ibijanye n’ukwishira mu turwi haba mw’ishure canke hanze mu kigo aho usanga Abarundi bari ukwabo, Abanyarwanda nabo uko, eka n’Abakongomani ni uko. *“Ivyo ni bibi cane kuko bituma abanyeshure badashobora kumenya neza kuko baba bayaga batisanzuye, bigorana guhanahana ubumenyi, gufatanya mu bikorwa vy’imigwi (group work) gutyo umwimbu w’ishure ukaba mubi muri rusangi”.* Jean de Dieu, asaba ko haba ibiganiro iyo ngorane igatorerwa inyishu, bakaba umwe bagafashanya muri vyose.



Na **MUNYANA Olive**, Umunyarwandakazi yigana na **BIZOZABISHAKA** yavuze ko hari n’igihe umunyeshure yinjira atadodoye, mwarimu yamusohora akanka canke yamubwira ico akora akanka. Hari n’ababa basa n’ababorewe bakitwara ugutangaje imbere y’abarezi n’abana, bagasuzugura abigisha twese bikatubabaza kuko ari ukubura indero. Munyaneza asaba abanyeshure kwitonda no kwereka akarorero keza batoya babo bakama bubaha abarezi babo kuko bariko barabafasha gutegura ubuzima bwabo bwiza bw’ejo hazoza.



Nayo **MUKESHIMANA Denise** wo mu mwaka wa 6 wisumbuye mu gisata ca **H.E.G** we avuga ko hari n’abantu baba bifise muri bo ingeso yo kwamana umujinya, aho atawe bavugana neza. Ivyo bituma ihanahanwa ry’ubumenyi hagati yiwe na bagenzi be bigorana kandi kenshi abo bantu berekana inyifato n’akarorero kabi bigatuma n’abandi bashobora kwitwara ukutariko.



Nayo **ISHIMWE Sostène**, Umunyarwanda yigana na **Denise** wewe avuga ko ahari abantu hatabura ibibazo, hari n’abitwara nabi bananiranye nk’abatari icabazanye ari nabo kenshi bateza amatati. Hari nabo umurezi abwira kwimweshwa canke ati kora kirya bakanka. Ivyo bigatuma abarezi bakora batanezerewe bivuye kugasuzuguro bakorewe nabo barera. Ku bwa ISHIMWE Sostène, *“Abo rero ico bakwiye kumenya, nuko mwarimu nawe ari umuvyeyi akwiye gufatwa nk’abandi bavyeyi”.*



Inkuru ya KUBWIMANA Alexis. | Amatfoto ya: INGABIRE Eric.

## BAKEMURA AMAKIMBIRANE BINYUZE MU IKINAMICO

**U**rubyiruko rugira uruhare runini mu gukemura ibibazo umuryango mugari uhura nabyo binyuze mu nzira zitandukanye. **Mutesi Djalila** ahagarariye itsinda **Mapendo** rikina ikinamico zigamije gukumira amakimbirane. rihereye mu Nkambi ya Mgombwa, asobanura icyo abona gitera amakimbirane mu banyeshuri. ndetse n'uko iryo tsinda rifasha bamwe kwiyunga.



*Mutesi Djalila, Umuyobozi w'itsinda MAPENDO.*

**NYIRAMUBANDE:** Mubona amakimbirane akunda kugaragara mu banyeshuri ari ayahe?

**MUTESI:** Mbona igitera amakimbirane mu banyeshuri ari ivangura, ukudafashanya imirimo, kutajya kuzana ibyo kurya ku gikoni, kudafashanya amasuku no kudafashanya mu masomo. Ikindi nanone kiyatera ni ukutubahana ndetse n'imyumvire ya bamwe iteza amakimbirane, hakwiyongeraho no kutubahiriza amabwiriza y'ishuri.

**NYIRAMUBANDE:** Ese mwaduha urugero rufatika rw'ikibazo mwakemuye?

**MUTESI:** Mu mwaka wa 2014 ubwo abana bo mu nkambi batangiraga kwigana n'abana b'Abanyarwanda habaye ivangura n'ubwumvikane buke, kuko ntibasangiraga, ntibicarana ndetse ntibafashanye no mu masomo yabo.

Ubwo rero twagize icyo dukora mu maguru mashya ngo duhoshe ayo makimbirane, twatangiyeye gutegura ikinamico nyinshi zimakaza ubumwe, amahoro n'ubufatanye. Ibyo byagize ingaruka nziza kuko batangiyeye kwiyunga no gukorera hamwe batahiriza umugozi umwe, ndetse hari n'andi makimbirane twagiye duhosha mu rubyiruko.

**NYIRAMUBANDE:** Ese mukurukije abo mwagiye mufasha gukemura amakimbirane, mubona impamvu nyamukuru iyatera ari iyihe?

**MUTESI:** Impamvu nyamukuru itera amakimbirane ni ukutubahiriza amabwiriza n'amategeko agenga aho uba cyangwa uri, haba ku ishuri, mu rugo cyangwa se n'ahandi haba hari amabwiriza ahagenga.

**NYIRAMUBANDE:** Mubona umumaro w'iri tsinda ari uwuhe muguhosha amakimbirane?

**MUTESI:** Umumaro w'iri tsinda ni ugutuma intego yaryo ni ugutuma urubyiruko ndetse n'abandi bantu babana mu mahoro n'ituzwe bagatera umugongo ikintu cyose cyahungabanya amahoro, n'icyateza amakimbirane mu bantu.

Hari umwe mu rubyiruko rwo mu Nkambi ya Mugombwa utarifujye ko amazina ye yandikwa yaganiriye na Nyiramubande ayibwirira uburyo Itsinda **MAPENDO** ryamufashije kwiyunga n'ababyeyi be.

Nyuma yo kuganira n'umuyobozi w'itsinda **Mapendo**, Nyiramubande yaganiriye n'umwe mu bo iryo tsinda ryafashije kwiyunga n'ababyeyi be.

Kubera ko atifuje ko amazina ye atangazwa Nyiramubande yahisemo kumuha izina rya **Tiger**.

**NYIRAMUBANDE:** Amakimbirane wari ufiteye n'ababyeyi bawe yari ashingiyeye kuki?

**TIGER:** Amakimbirane nari mfiteye n'umuryango wange yari ashingiyeye ku kutubahiriza amabwiriza n'amategegeko yo mu rugo. Urugero imuhira abana twagombaga kujya dutaha hakiri kare ariko nge natahaga igihe nshakiyeye mu ijoro, inshuro nyinshi nazaga nasinze bitewe n'inzoga ubwo ngatangira guhonda urugi n'urusaku rw'inshi. Ntabwo ari umuryango wonyine narazaga ijoro ahubwo n'abaturanyi barabangamirwaga cyane.

**NYIRAMUBANDE:** Iri tsinda rya **MAPENDO** ryagufashije rite guhosha ayo makimbirane?

**TIGER:** Itsinda **MAPENDO** baraje baranganiriza mu bugwaneza, bangira inama zihoraho zihosha amakimbirane, na none twajyaga mu mahugurwa atandukanye nkibonera ingero za bamwe bagiye bahinduka, ubwo nange mfata umwanzuro wo kureka izo ngeso. Ubu umuryango wange tubanye neza, nubahiriza amabwiriza n'amategegeko mpabwa n'ababyeyi kandi mfite ubuzima bwiza buzira amakimbirane n'ubushyamba, ndetse ubu mfasha abandi bameze nk'uko nari meze, ngo na bo bahinduke kuko nta gihombo.

**NYIRAMUBANDE:** Ni iyihe nama wagira urubyiruko muri rusange?

**TIGER:** Icyo navuga ni uko amakimbirane atubaka ahubwo atanya inshuti n'abavandimwe bagahangana, ibyo bikadiindiza iterambere. Ubwo rero nashishikariza urubyiruko kuyirinda ahubwo bagaharanira amahoro no gufasha abantu kwiyunga.

Inkuru ya RAFIKI Claude. | Ifoto ya: MUKAMURERA Deborah.



# NTIWATSINDA BIMEZE BITYO

**U**rubyiruko rwiga mu kigo cy'amashuri yisumbuye cya Mgombwa. ruvuga ko kutubahiriza amategeko n'amabwiriza y'ikigo, kutakora ibyo umunyeshuri ashinzwe nko gufatanya n'abandi gusukura ishuri, ndetse n'urugomo kuri bamwe ari zimwe mu mpamvu zitera amakimbirane kuri iri ishuri, ndetse ruvuga ko bigira ingaruka ku myigire yarwo.



**ELISA Comfy** wiga mu mwaka wa gatandatu w'amashuri yisumbuye agira ati: *"Gahunda bazanye yo gutandukanya abanyeshuri ugendeye ku bumenyi bafite aho bamwe bashyizwe mu kiciro cya mbere abandi bashyirwa mu cya kabiri, ibyo bituma batisanga hamwe ndetse bakunva ko batari ku rwego rumwe bigatuma icyiciro cya kabiri badindira mu myigire"*.




**NSENGIYUMVA Aime** avuga ko amakimbirane aterwa no kwishishanya hagati y'abanyeshuri bitewe nuko hari bamwe baba bavugwaho ibintu bitari byiza nko kurogana ndetse n'urugomo muri rusange, bityo ugasanga kwegerana cyangwa se kuvugana ari ikibazo. Avuga ko mu gihe ibi bigihari nta bufatanye bwabaho.

**MBABAZI Alain** avuga ko amakimbirane aba ari hagati y'abanyeshuri bataha hanze y'inkambi ndetse n'abo mu nkambi aho agira ati: *"Akenshi amakimbirane aterwa n'imico itandukanye, usanga abanyeshuri bataha mu nkambi bakunda kwitandukanya nabo hanze y'inkambi ku buryo niyo bicaye mu ishuri usanga bakunda kwicara mu bihande bitandukanye n'ibyabo ugasanga no kumenyana bitoroshye bitewe no gutinyana"*.

**MUTESI Yvette** avuga ko amakimbirane aturuka ku banyeshuri batsinda n'abadatsinda. Ati: *"Twebwe ishuri ryacu rihorana ipfunwe, ntidushobora kujya gufata ifunguro bitewe nuko aho duciye bavuga ko turi abo kwa misaga (kwa misaga higa abana bafite uburwayi bwo mu mutwe), natwe ntidutinyuke kujya mu bandi ngo twisanzure ku bwo kuturusha ubumenyi"*.



**INGABIRE Sifa** avuga ko amakimbirane yatewe no gutandukanya abanyeshuri bitewe n'ubumenyi bafite. Ati: *"Bakimara kwimura bakurikije uko amanota agiye ahagaze abafite amanota aya kungana bakabashyira mu ishuri ryabo rimwe rikitwa iry'abahanga, irindi rikitwa iry'abaswa byateje umwuka mubi kandi mu by'ukuri mu myigire twarafatanyaga tukazamurana. Nk'ubu abari inshuti babaye abanzi kubera kubatandukanya muri ubwo buryo"*.



**KAMPIRE Joyeuse** we ati: *"Kutumvikana kw'abanyeshuri n'imyitwaririre ya bamwe iteza amakimbirane rimwe na rimwe. Urugero, iyo badupanze gukora isuku buri munyeshuri aba agomba gukora aho yapangiwe, iyo yanze gukora abanyeshuri baramutanga agakubitwa cyangwa akirukanwa biturutse muri twebwe, ibyo rero bikurura amakimbirane cyane."*

**UMWARI Ange** avuga ko amakimbirane agaragara cyane hagati y'abanyeshuri n'abayobozi aterwa n'ibihano bigoye.

Ati: *"Aho kuduha inama ahubwo baduhanisha ibihano biremereye, iyo uhuye n'umuyobozi mu makosa kenshi bishobora kukuviramo kwirukanwa burundu"*.

**NIYONSENGA Safi** wiga mu mwaka wa kane w'amashuri yisumbuye avuga ko kudasangira kw'abanyeshuri bo hanze n'abo mu nkambi bituma amakimbirane yiyongera kandi bagakwiye kwiyumvanamo, amakimbirane akagabanuka.

Inkuru ya UWASE Nyirabukara na BYIRINGIRO Damascene. | Amafoto ya: MUKAMURERA Deborah.



**MBATUYIMANA Ignace** ati: *"Kutubahiriza amategeko abayobozi bashyiraho bituma babiduhanira twebwe tukumva ko ari ukuduhohotera kandi mu by'ukuri natwe twabigizemo uruhare runini, ugasanga abanyeshuri babifata nko kubangamirwa kandi bagomba kubahiriza indangagaciro z'umunyeshuri"*.

**NDIZIHIWE Eric** ati: *"Mu kigo turimo turi Abanyekongo n'Abanyarwanda bigatuma habaho ubusumbane kuko tuba tudahuje imico buri wese yiyumvamo umuco w'iwabo" Akomeza avuga ko bakwiriye kugira umuco umwe kuko ari banyeshuri bafite icyerekezo bakikirinda amakubiri muri bo"*.



# KU ISHURI BAYAKEMURA BATE?

**M**u mashuri kimwe n'ahandi hahurira abantu benshi hagaragara amakimbirane ashobora guterwa no kwibana ibikoresho by'ishuri. imyumvire ya bamwe bitewe n'inyemerere yabo ndetse no kwironda bitewe n'aho baturuka nk'uko bigaragazwa na bamwe mu banyeshuri banasobanura icyo bakora ngo bahoshe ayo makimbirane mu gihe abayeho.



**MUTESI Francoise** wiga mu mwaka wa mbere w'amashuri yisumbuye avuga ko amakimbirane akunze kubaho aho yiga, aterwa no kwibana ibikoresho by'ishuri binatuma bamwe barwana.

Ati: "Iyo ayo makimbirane abayeho rero turaganira nk'abanyeshuri, tukaganiriza abafitanye amakimbirane tukabunga, byananirana tukabishyira mu buyobozi bw'ishuri".

**NINZIZA Ange Chanelle** ati: "Ku ishuri iyo hari ikitagenda neza hagati yange na mugenzi wange, nzi ko ari njye wakosheje ndagenda nkamusaba imbabazi. Iyo atari ngewe byaturutseho wenda ari mugenzi wange, ndamwegera nkamwereka uburyo ayo makimbirane twembi ari kuduho-mbya, atansaba imbabazi njye ndamubabarira kuko amakimbirane ashobora gufata indi ntera tutabikemuye kare.



**NDUWIMANA Rodrigue** wiga mu mwaka wa gatandatu w'amashuri yisumbuye avuga ko amakimbirane akunze kugaragara aho yiga aba ashingiyeye ku kwibana abakunzi, gucika ikigo, kunywa inzoga ndetse no gupfobanyanya. Avuga ko iyo habayeho kwibana abakunzi habaho kumvikana hagati y'abafitanye amakimbirane bakumvikana uko byakemuka, na we ngo iyo agiranye ikibazo na mugenzi we amusaba imbabazi kuko bitanga amahoro niyo baba batamubabariye kuko we aba yumva yakoze icyo yagombaga gukora.



**MUGISHA Jean Paul** wiga mu mwaka wa 5 w'amashuri yisumbuye agira ati: "Iyo mfitanye amakimbirane na mugenzi wange ikintu nkora cya mbere ni ukwikuramo umujinya, kuko mu gihe warakaye umujinya ntiwabura, ndagenda ngasaba imbabazi, yaba atari njyewe byaturutseho ntegereza ko uwo byaturutseho na we azaza kunsaba imbabazi".



**MUGISHA Yves** wiga muri kaminuza y'u Rwanda ati: "Amakimbirane akunze kubaho ni igihe umunyeshuri aza ashaka kuvuza radio kandi hari abandi bashaka kuruhuka, ubwo icyo gihe ujya gusaba winginga byibura yagabanyaga, iyo byanze rero niho amakimbirane azamukira. Iyo ayo makimbirane avutse icya mbere ni ukumenya amagambo ukoresha kugira ngo udakomeretsa umuntu ya makimbirane akiyongera kurushaho".

**MUBARAKA D'amour** we avuga ko iyo agiranye ikibazo na mugenzi we, abanza akareba ko uwo muntu yumvikana ku buryo yagenda akamusaba imbabazi akamwumva, iyo asanze ari umuntu ugorana ashaka undi mugenzi amutuma akamusabira imbabazi, iyo atari njyewe wakosheje ntegereza ko uwankoshereje aza kunshaka nanjye akansaba imbabazi si njye wajyayo mbere.

**MUTONESHA Fanny** wiga mu mwaka wa gatandatu w'amashuri yisumbuye avuga ko aho yiga haboneka amakimbirane haba hagati y'abanyeshuri ubwabo cyangwa se hagati yabo n'abarezi babo. Avuga ko icyo akora we iyo ikibazo ari we cyaturutseho asaba imbabazi batazimuha akabireka.

**BUNGURUBWENGE Regis** wiga mu mwaka wa gatanu, ati: "Ngewe iyo mfitanye amakimbirane n'umuntu ku ishuri, uburyo nkoresha kugira ngo twiyunge ni ukumushaka tukagenda tukicara ahantu twembi tukaganira, yaba ari njye wakosheje nkasaba imbabazi, ubwo ngategereza ko nanjye ansaba imbabazi mugihe ari mugenzi wange byaturutseho. icyakora iyo atambabariye nta mahoro ngira, hari igihe nshaka abandi bakatwunga, baba abanyeshuri cyangwa abayobozi".

Inkuru ya NDUWIMANA Anick. | Amafoto ya IRADUKUNDA Irene.

# AMAKIMBIRANE MU BANYESHURI AGIRA INGARUKA KU MYIGIRE YABO

**K**wibumbira mu matsinda agamije kwimakaza umuco w'amahoro. ni bimwe mu bifasha abanyeshuri gukumira no guhashya amakimbirane mu bigo byabo. **NIYONKURU Moise** ni umunyeshuri mu Rwunge rw'Amashuri rwa Cyarwa (**GS CYARWA**) akaba n'umuyobozi w'itsinda rigamije kubaka amahoro. byatumye afunguka mu mutwe ndetse akanamenya bumwe mu buryo yakoresha maze agafasha bagenzi be gukemura ndetse no gukumira amakimbirane hagati yabo.

**NIYONKURU** avuga ko amakimbirane mu banyeshuri cyangwa se hagati yabo n'abarezi babo atabura dore ko burya ngo ntazibana zidakomanya amahembe. Babifashijwemo na Never Again Rwanda (**NAR, umuryango utegamiye kuri leta ukorera henshi mu gihugu ndetse no mu bigo by'amashuri bitandukanye, ugamiye kubaka amahoro arambye ndetse n'ubutabera mboneza mubano.**), bashize itsinda ryo kwimakaza umuco w'amahoro mu kigo cyabo. Yemeza ko kuva mu mwaka wa 2018 yagiye yigiramo byinshi byatumye abasha kwirinda amakimbirane hagati ye na bagenzi be ndetse bikanamufasha kuba umwe mu bafasha abandi banyeshuri mu kigo yigamo gukemura amakimbirane baba bagiranye na bagenzi babo.



Avuga ko amakimbirane bakunze kugirana hagati yabo nk'abanyeshuri aba yatewe no kumvikana guke bitewe n'imico cyangwa imyifatire abanyeshuri baba bafite itandukanye. Amakimbirane hagati yabo n'abarimu yo ntakunze kugaragara, ariko ngo niyo agaragaye akenshi aba yaturutse ku banyeshuri baba banga isomo uwo mwarimu yigisha ugasanga binabaviriyemo gusuzugura ibyo uwo mwarimu ababwiye ugasanga amakimbirane aravutse nubwo yo ahita akemuka vuba.

Ati: *"Ubwacu tuba tugomba gufata iya mbere tukayakemura bityo tukirinda ko ayo makimbirane atuganza kandi tukirinda gushyira amakosa yose yakozwe ku muntu umwe gusa kuko na byo biri mu bituma aya makimbirane adakemuka vuba kandi mu mahoro".*

Avuga ko biba byiza ko niyo ubonye umunyeshuri umwe ukunda guhora atangiza amakimbirane ukamwegera ukamuganiriza umwerekana n'impamvu nyinshi zikwiye gutuma ahinduka akareka guhora aba umwe mu bagirana amakimbirane na bagenzi be.

**NIYONKURU** avuga ko iri tsinda ritigisha abaribamo gusa ahubwo ko bajya bafata igihe bagategura ibiganiro, ikinamico ndetse n'ibitarimo by'imyidagaduro bagashishikariza bagenzi babo kwirinda amakimbirane cyangwa se n'ibindi bibazo byugarije urubyiruko nko kunywa ibiyobyabwenge n'ibindi.

**UWAMURERA Adelaide** wiga mu wa gatandatu ishami ry'imibare, na we ni umwe mu bagize iri tsinda akaba yemeza ko akenshi abanyeshuri bashobora kugirana amakimbirane hagati yabo bitewe n'amatsinda atandukanye abanyeshuri bo ubwabo biremera maze ugasanga batumvikana n'abandi bataba muri iryo tsinda ryabo.

Ati: *"Urugero hari igihe abanyeshuri bakora itsinda bitewe nuko baturuka hamwe cyangwa se bafite imyemerere n'imyizerere imwe, bityo ugasanga batumvikana n'abandi banyeshuri batabana muri ayo matsinda ugasanga ibi bibaye intandaro yo kugirana amakimbirane hagati yabo".*

Avuga ko muri **NAR** bigiramo inyigisho nyinshi zibafasha guhindura imyumvire baba bafite itari myiza ndetse ari na yo rimwe na rimwe itera amakimbirane hagati y'abanyeshuri. Ababa muri iri tsinda bakorera hamwe bagakemura amakimbirane bagirana hagati yabo maze ibibananiye bakabigeza ku bayobozi b'imyitwarire babo na bo bakabafasha gukemura ayo makimbirane.



**NIYONKURU** na **UWAMURERA** bavugaga ko ishuri ari umuryango abanyeshuri bahuriramo bahujwe no kwiga bityo ko iyo hajemo amakimbirane uhungabana, bikaba byaba n'impamvu ikomeye yo gusubira inyuma mu masomo yabo, ubwumvikane buke hagati yabo, ubufatanye buke muri bo ariko cyane cyane n'intego buri wese aba yarihaye yo kwiga no gutsinda neza ntigerweho. Bagira bagenzi babo inama yo kwirinda amakimbirane ndetse no mu gihe abayeho bakegerana bagasabana imbabazi maze bakabana mu bwumvikane.

Bongeraho ko kandi buri munyeshuri wese akwiye kwita ku cyo apfana na mugenzi we kuruta icyo bapfa maze bakima umwanya bimwe mu bituma amakimbirane hagati yabo ziyongera maze bakabana mu mahoro ndetse n'intego zabo zose bakabasha kuzigeraho.

Inkuru ya: **KAYITESI Liliane** | **IRADUKUNDA Irene**.

## NABO BIBAGERAHO

**N**yuma yo kohereza abana ku ishuri, hari bamwe mu babyeyi bumva ko birangiye nyamara hari imico cyangwa se imyitwarire abana bakura mu rugo igateza amakimbirane ku ishuri ndetse n'ababyeyi bikabagarukaho, bakagirana amakimbirane. Bamwe mu babyeyi batuye mu Nkambi ya Kigeme, bagaragaza amakimbirane ashobora kuba hagati y'ababyeyi akomotse ku mashuri abana babo bigaho.




**KARIRE Devothe** avuga ko amakimbirane akunze kugaragara ari igihe abana barwaniye ku ishuri bagakomeretsanya cyangwa hagakomerereka umwe, buri mubyeyi ku giti cye akabona ko umwana we ari we wareganijwe, bigatera kutumvikana hagati y'ababyeyi, ndetse bikaba byakwiyongera igihe bidakemuwe mu maguru mashya.



**TUYISHIME Eric**, ati: "Amakimbirane agaragara hagati y'ababyeyi aturutse ku bana bigana, ni igihe hagize umwe wiba mugenzi we n'ababyeyi bakabizamo, ababyeyi bagashwana mu gihe batakiriyeye imyanzuro yaturutse mu kigo, rimwe na rimwe nkiyo bamwirukanye ababyeyi ntibabivugaho rumwe".



**KARAKOWE Angelique**, we avuga ko amakimbirane abona aho atuye aterwa no gusuzugurana hagati y'abanyeshuri, noneho hakazamo gushyigikirwa n'ababyeyi, bigatuma urwanganano rwiwongera hagati yabo.



**UWIMANA Nirere** avuga ko igitera amakimbirane hagati y'ababyeyi biturutse ku bana babo ari uko umwana yatotezwa n'abagenzi be, bigatuma buri mubyeyi agira ifuhe ry'umwana we ndetse hakagaragara kutumvikana hagati y'ababerehamwe.



**NYABAKIRE Jeanine** we abona rimwe na rimwe hagaragara amacakubiri mu banyeshuri bigatuma n'ababyeyi babyinjiramo bitewe n'imyumvire itandukanye baba bafite, amakimbirane akazamuka hagati yabo gutyo. Asoza avuga ko ababyeyi bagomba kwicara hamwe bakiyunga cyangwa abayobozi b'ikigo bakabigiramo uruhare bakemura amakimbirane hagati y'ababyeyi kandi nabo bakabigiraho, bakabyigisha n'abandi.



**NDAYISABA Emmanuel** abona amakimbirane agaragara hagati y'ababyeyi atewe n'abanyeshuri aterwa n'imyumvire bafite itandukanye - nye yo mu muryango, aho abanyeshuri baba bafite agakungu hagati yabo bashwana bigatuma bahemukirana, bikagera no ku babyeyi bumva ko umwana umwe yashutse undi, buri wese yumva ko umwe yashutswe.

**MUKANSANGA Martine**, abona amakimbirane agaragara hagati y'ababyeyi aturutse ku banyeshuri ari igihe bagiranye amashyamba cyangwa bahimbana amazina. Ati: "Iyo umwana atashye akaregera umubyeyi, hari igihe uwundi bimurakaza akajya kwiyama, iyo uwo wundi na we atabyakiriyeye neza amakimbirane hagati yabo avuka atyo. Atanga inama ku babyeyi ko bagakwiye guhindura imyumvire kubera ko buri wese yohereza umwana ku ishuri a atamutumye kwitara nabi, ngo bigaruke ku mubyeyi".

Inkuru ya MUGISHA Willy. | Amafoto ya MUGISHA Willy.

# UWACIYE KU NTEBE Y'ISHURE NTAGIRIRA

**I**ndero nziza niryo soko ry'iterambere. Turakora uko dushoboye kwose kugira ngo dutenze imbere indero y'abana twigisha mugabo ntihobura nibishobora gukwega amatati hagati y'abanyeshure n'abarezi. "Nyiramubande" caganiriye na bamwe mu barezi bo mubigo vya Gs paysannat I C na Gs paysannat I E biri mu murenge wa Mahama maze bavugaga amwe mu matati akunze kuboneka hagati y'abanyeshure n'abigisha, nuko bayakemura mu gihe yahabonetse.



**BAKATIJAMBO Sammuel** ni umwigisha ku kigo c'amashure **GS PAYSANNAT I E** yaganiriye na "Nyiramubande" imubaza amwe mu matati akunze kugaragara hagati y'abanyeshure n'abarezi, yishuye ati "udukosa dukunze gukogwa n'abana ni gucerewe, gusohoka mw'ishure ata mpamvu". Abandanya avugaga ko ivvyo navyo mu kubikosora baganiriza umwana. Kubijanye n'amatati ashobora kugaragara hagati mu barimu naho yavuzeko atayo.

Ku bwa **NDIKUMANA Janvier** yigisha ku kigo **GS Paysannat I E**, hari aho amatati yibonekeza mu banyeshure n'abarimu. Avugaga ati "hari abana bakunze kwerekana indero nke nko kuba umwana ashobora kubwira mwigisha nabi, hari n'abashobora gutonda banyoye inzoga ndetse nitabi. Mukubimura y'ishuye avugaga ko nk'umuntu ari muri komite ijewe disipirine abarimu bafatanyaga n'abavyeyi muguhanura umwana yabashije kubonekwaho izongeso". "Nyiramubande" kimubajije amatati ashobora kwibonekeza hagati y'abigisha, yishuye avugaga ko atayaraboneka ku kigo akorerako.



**UBARIJORO Evariste** ni umwigisha ku kigo **GS Paysannat I C** yaganiriye na Nyiramubande maze yerekana amakosa abana bashobora gukora nko gusiba kwishure atampamvu, kurenga kumategoko y'ikigo, ati ariko turagerageza cane mu guhanura umwana akajya ku murungo neza. Yongera ko ati: "kiretse ko umwigisha ashobora gutonda atanezerewe bivanye n'uko badahebwa kumwe ati gusa uwugize ikibazo turamufasha ntangorane muritwebwe".

**MBANZAMIHIGO Christophe** ni umwe mubigisha b'Abarundi bakoreraga ku kigo **GS Paysannat I C** yishuye ku kibazo kijanye n'amakosa abana bakunze yishuye ati: "ahari abantu hatabura urunturuntu, abana barasiba kwishure atampamvu, kwimweshya moderi zitabereye umwana w'umunyeshure, gushakaga guhangana n'umurezi mugihe uwo mwana



akoze amakosa, abana batonda banyoye inzoga". "Nyiramubande" kimubajije uko babikemura yavuze ko bahanura umwana bafadikaniye n'abavyeyi, hamwe n'ubuyobozi bw'ishuri. Kuyashobora kuboneka hagati mu bigisha, yavuze ko atayahari kiretse ko umwarimu ashobora gutonda atanezerewe bivanye n'uko badahebwa kumwe kandi bafise impamyabushobozi zingana. Ati: "habayeho ubuvugizi abarimu bagafatwa kumwe haba abakorera umushinga **ADRA** canke abakorera **LETA** vyoba vyiza gusumba".

**BESIME Allen** yigisha kukigo **GS Paysannat I E** mu mashure yisumbuye S3 nawe "Nyiramubande" camubaza ku matati akunze kwibonekeza hagati y'abanyeshure n'abigisha yishuye agira ati: "hari amakosa abana bakunze gukora nko kudakurikiza amategoko y'ishure, gusiba, kutimura ivywo mwigisha yabahaye, n'ibindi". Abandanya amenyesha ko bakosora umwana bafadikaniye n'abavyeyi na komite ijewe indero kandi ko bikagenda neza. Abandanya avugaga ko ata matati arabona mu barimu.



**NYIRAMFAGUTERURA Valerie** ni uwundi mwigisha wo ku kigo **GS Paysannat I C** avugaga amakosa abana bakunze gukora, nko gusohoka mw'ishure atampamvu, no gushakaga guhangana na mwigisha. Abandanya avugaga navyo babikosora mu guhanura umwana bafadikaniye n'abavyeyi. Kuyashobora kuboneka hagati mu barimu yavuzeko atayo kiretse nk'umwarimu ashobora gutonda atanezerewe bivanye n'uko badahebwa kumwe kandi bafise impamyabushobozi zingana.

**MUHANANO Jackson** ni umuyobozi w'ikigo **GS Paysannat I C** ku bijanye n'inyifato y'abanyeshure agira ati: "hari bamwe mu banyeshure bashobora kugira ingeso mbi. Nko gushakaga guhindura amanota, gutonda banyoye inzoga, gutaha hataragera, gucererwa, gutondana ama terefone mu kigo kandi bitemewe, kwimweshya moderi zitemewe". Anavugaga uko babikemura afatanije n'abavyeyi, abigisha, komite ijewe ivy'indero, bashizeho ingamba mu gutanga impusha, bashiraho urupapuro umwana yerekana yahawe n'ubuyobozi bw'ikigo. Harashizweho mbere umwana wo guhanura abana bose bo mukigo. Asozera avugaga ati: "n'uwugize ikibazo kidasanzwe ndamuhanura".



# NTIBIREBA MWARIMU GUSA

**A**babyeyi bafite inshingazo zo gukurikirana ubuzima abana babo babamo ku ishuri ndetse no kubafasha gukemura bimwe mu bibazo bahurira na byo ku ishuri. biririmo n'amakimbirane abana bashobora kugirana na bagenzi babo cyangwa n'abarezi babo. Bamwe mu babyeyi batuye mu Nkambi ya Mugombwa. basobanura uburyo bafasha abana babo gukemura amakimbirane abera ku ishuri.



**DUSHIME Claude** ni umubyeyi w'abana batatu, avuga ko gufatanya hagati y'umwarimu n' umubyeyi ari inzira nziza yo gukurikirana uburere bw'umwana we ngo kuko no mu gihe yagiranye amakimbirane na mugenzi we, ajya ku ishuri akabaza umwarimu kuko aba abizi, bagafatanya kubikemura.



**MBUMBARUGO** ni umubyeyi w'abana umunani, avuga icyo umwana agiranye amakimbirane n'abandi, nko kwiba amakayi cyangwa kurwana, icyo gihe afata umwana bakajya ku ishuri, akamuhanira imbere y' abandi.

Akomeza avuga ko gutererana umwana ukamuharira umwarimu wenyine ari nko gutegeza abakozi umurima, nyamara wowe ntusubire inyuma ngo urebe uko bawuhinze.

**MUKOBWAJANA Olive**, ni umubyeyi w'abana bane we avuga ko mu gihe umwana we yagiranye amakimbirane na mugenzi we ku ishuri agomba gufata abana bombi akabacaza nk'umubyeyi akababaza icyabateye ayo makimbirane yasanga ari ikibazo cyoroshye akagikemura, n'aho iyo ari abana bakuru kandi icyo kibazo kikaba ari nk'icyivangura, icyo gihe yifashisha na mwarimu cyangwa undi muyobozi.



**NYIRARUKUNDO** yemeza ko igihe umwana we agiranye amakimbirane na mugenzi we yabibwira umubyeyi w'uwo mwana wagiranye amamimbiarne n'uwe bakababaza icyabibateye bagafata ba bana bakabanyuzaho akanyafu, baba ari bakuru bakabaganiriza bakabereka ko bagomba kubwira ababyeyi ibibazo bahura na byo kugira ngo babagire inama kuko ababyeyi ari inararibonye.

**UWAMAHORO Jolie** avuga ko nk'umubyeyi agomba gukumira amakimbirane y'abana aho yabera hose. Ati: "mu gihe umwana wanjye yagiranye ikibazo n'undi mwana ku ishuri, nafata umwana wanjye nkajya gushaka na wa

wundi bagiranye ikibazo nkababaza icyateye amakimbirane, bamara kukimbwira nkabaganiriza, uwakoshereje undi nkamugira inama nta kubogama".



**NDAYAMBAJE Emanueli**, ati: "Iyo umwana agiye ku ishuri ibibazo byabereye biba bireba umwalimu, rero ni we ugomba kubikurikirana, byananirana akareba umubyeyi agashyiraho uruhare rwe".



**KAMARIZA Consesa** ni umubyeyi w'abana 6, ati: "Njyewe ikintu cya mbere nakora najyana umwana wanjye aho ayo makimbirane yabereye nkabaza na bagenzi be nkumva uri mu makosa nkamwerekana ko ari bibi kandi ko byamugiraho ingaruka mbi mu gihe abikomeje".

**KAYIRANGA Almace** ufite abana bane avuga ko mu gihe umwana we yagiranye ikibazo na mugenzi we, yafata abo bana akabaganiza akumva buri umwe yamara kumva icyabateye kutumvikana akabahuza atabyeretse umwarimu cyangwa umubyeyi w'uwo mwana wagiranye amakimbirane n'umwana we ngo kuko byagaragara nko kwiyanama.

Inkuru ya FURAHA Gentille. | Amafoto ya NISHIMWE Henriette.

# IYO BAGIRANYE AMAKIMBIRANE BABYITWARAMO BATE?

**M**u mibereho ya muntu amakimbirane aza muri bimwe mu bice bigize ubuzima bwe. Mu mashuri hashobora kugaragaramo amakimbirane hagati y'abanyeshuri ubwabo cyangwa hagati yabo n'abarezi. Abarezi bigisha muri amwe mu mashuri yo mu karere ka Huye, baravugaga uburyo bakemuramo amakimbirane abaye hagati y'abanyeshuri ndetse no hagati y'umurezi n'umunyeshuri bityo umunyeshuri akongera akiga neza n'umurezi akongera akigisha amasomo ye.

**HAGENIMANA Olivier** wigisha mu ishuri ribanza rya Ngoma, ati: "Mu gihe abana bagiranye amakimbirane ngewe mbereka ingaruka zayo, nkabasaba kubabarirana bagatekereza ejo hazaza habo kandi nkanabasaba kubaho nk'abavandimwe bakumva ko umuntu wese ari nk'undi. N'aho mu gihe nagiranye ikibazo n'umunyeshuri wange nirinda kumwereka ko mbabaye cyane, nkamwereka ko byose nta kibazo ahubwo ikibazo ari ukubabaza umuntu ukuruta wagafashe nk'umubyeyi wawe".

**UWANYUZE Manase** avugaga ko mu myaka 13 amaze mu mwuga w'uburezi abana batajya babura kugirana amakimbirane hagati yabo. Ati: "Rero tugeraze gufasha abana binyuze mu masomo biga harimo n'iryitwa imbenezamubano (social studies), iyo ari amakimbirane aturuka mu muryango dutumira ababyeyi babo tukaganira".



**UWAMARIYA Donatille** na **NDIKUBWIMANA Emmanuel** baganira n'umunyamakuru wa Nyiramubande

**UWAMARIYA Donatille** umaze imyaka 38 ati: "Iyo menye ko hari abana bafitanye amakimbirane mu ishuri ryange mfata umwumwe nkamuganiriza, nkabaza abatangabuhanya babo bigatuma menya mu by'ukuri icyo nafasha abo bana. Iyo ari hagati yange n'umwana, ndamuganiriza, byananira nkitabaza ushinze imyitwarire yabo akamumfasha nkakomeza kwigisha amasomo neza nta nkomanga".

**NDIKUBWIMANA Emmanuel** umaze imyaka 11 mu burezi, we avugaga ko mu gihe ari mu ishuri akumva abana bafitanye amakimbirane bimubabaza bigatuma yibaza icyo yakora kugira ngo akemure amakimbirane yabo bana bakagaruka mu bihe byiza byo kwiga bagakomeza bagatsinda isomo rye.

**NDAGIJIMANA Vincent** avugaga ko amakimbirane atajya abura mu banyeshuri ariko iyo abanyeshuri bashyamiranye batajya bakurikirana amasomo yabo neza. Ati: "Ngerageza kuganira n'umwana nkamusekera nkamwereka ko nta kibazo kiri hagati yange nawe bityo ko ibyabaye byose byari ukumucyaha kugira ngo amenye icyamuzanyeye mu kigo bigatuma ireme ry'uburezi rinozwa".

**AKAYEZU Marie Rose** umaze imyaka 13 yigisha we avugaga ko iyo bagiranye amakimbirane n'umwana amuha uduhano tworoheje, akamugira inama akamwumvisha ko gusuzugura abamuruta atari byiza kandi ko nta nyungu yabikuramo.

**NSABIYERA Silvere** umaze imyaka 6 mu burezi, ati: "Iyo habayeho amakimbirane hagati y'abana bisaba kubahuriza mu mikino no guhana ufite uruhare runini muri ayo makosa. Mu gihe byabaye hagati yange n'umwana ngerageza kumuganiriza nkamwumvisha ko ikosa ryabayeho ritagakwiraye kubaho ndetse byaba ngombwa nkamujyana mu kanama gashinzwe imyitwarire (discipline) kakamugira inama".



**MUSENGIMANA Esperance** umaze imyaka 23 mu burezi avugaga ko aho abantu bahurira hatajya habura uruntu runtu kuko mu banyeshuri hakunda kubamo amakimbirane ashingiyeye ku bikoreho by'ishuri nko kuba umunyeshuri yabura ikayi, ikaramu n'ibindi. Ati: "Iyo habaye amakimbirane ngerageza nkabumvisha ko bo ari abajya mbere kandi bazakenerana mu bihe bizaza".

**SIBOMANA Moise** umaze imyaka 23 mu burezi, ati: "Amakimbirane mu banyeshuri ni ikibazo mpora mpura na cyo kuko hari n'igihe bigeraho bakanarwana, uburyo mbikemuramo rero nk'umurezi kandi nk'umubyeyi, ngerageza kumenya inkomoko yayo nkabafasha kuyakemura no kwiyungira mu gihe bishoboka. Mu gihe ari amakimbirane hagati yange n'umwana ngerageza kuganira na we mu gihe ari nge wateye ayo makimbirane nkamusaba imbabazi nkamwumvisha ko bitazongera bityo akagaruka mu bihe byiza by'amasomo".



**NSHIMIYIMANA Theogene** yagize ati: "Iyo ari amakimbirane umwana yagiranye n'umurezi wowe nk'umurera wegera wa mwana ukamuganiriza ukamwereka ko nta rwango ruhari ari ukumukebura kugira ngo adatana kandi ngo hagira n'ahandi muhurira ukirinda kugarura cya kintu cyabayeho".

Inkuru ya GANZA Clebert Sabin. | Ifoto ya IRADUKUNDA Irene.

## **Ncuti basomyi bacu, muraho!**

Turabashimira cyane kuba mwafashe umwanya mugasoma ikinyamakuru cyacu ari na cyo cyanyu. Iki kinyamakuru cyandikwa n'urubyiruko rw'abanyamakuru bo mu Nkambi za Kigeme, Mugombwa na Mahama bafatanyije na bagenzi babo batuye mu nkengero z'izo nkambi.

Intego y'iki kinyamakuru ni ukwandika ku nsanganyamatsiko zerekeranye no kubaka amahoro n'imibanire myiza aho dutuye. Turabararikira kudusangiza ubuhamy ubwo ari bwo bwose cyangwa inkuru mwaba mufite zifite aho zihuriye n'izi nsanganyamatsiko twandikaho, cyane cyane ibyo mubona mu buzima mubamo.

Ese waba uzi gushushanya? Tanga igitekerezo cyawe ubinyujije mu nkuru ishushanyije. Ushobora kandi kuba uzi guhimba imivugo cyangwa indirimbo; uhawe ikaze kubikoresha. Waba se ufite nkuru yawe wifuza kutwandikira? Akanya ni akawe gakoreshe.

Muri iki kinyamakuru kandi twabageneye urupapuro mwakwifashisha muduha ibitekerezo byanyu. Turanifuza kumenya icyo mutekereza ku byo tubandikira n'izindi nsanganyamatsiko mwifuza ko twandikaho. Niba kandi ufite n'igitekerezo cy'icyo twakora kugira ngo turusheho guteza imbere **NYIRAMUBANDE** yacu, uhawe ikaze kugitanga.

**MURYOHERWE NA NYIRAMUBANDE, IKINYAMAKURU CYANYU!**

**Ubwanditsi Bukuru!**





## **IFISHI YO KUZUZA UMAZE GUSOMA IKINYAMAKIRU NYIRAMUBANDE**

### **Umwirondoro:**

Amazina:.....

Impunzi  Umunyarwanda

Igitsina: Gabo  Gore  Imyaka:... Telephone yawe:

a) Nomero y'ikinyamakuru wasomye.....

b) Vuga uburyo wanyuzwe

Ntabwo nanyuzwe rwose.  Nanyuzwe biringaniye.

Nanyuzwe.  Nanyuzwe cyane.

1. a) Ni iyihe nkuru yagushimishije kuyisoma?.....

b) Kubera iki?.....

2. Ni irihe somo wungutse nyuma yo gusoma iki kinyamakuru?.....

3. Hari impinduka zabayeho mu bijyanye n'ibyo wemera, utekereza cyangwa imyitwarire? Dusobanurire.....

4. a) Ese gusoma byakanguye ibitekerezo bishya wakora mu kwigisha amahoro, gukemura amakimbirane mu nkambi ndetse no hanze yayo?.....

b) Ese ni iki wakunze cyangwa wanenze? Unufuza ko ubutaha twakwandika kuki?.....

• Duhe igitekezo kugirango tubashe kunoza neza iki kinyamakuru.....

5. Hari indi ngingo wifuza gusoma ubutaha?.....

# DUSHYIRAHO IBIKORWA BIBAHUZA



**FURAHA** Murego Chloé ashinzwe uburezi mu mashuri mu Nkambi ya Kigeme. avuga ko amakimbirane mu mashuri agenda agabanuka bitewe n'imbaraga bashyiramo nk'abarezi ndetse n'abanyeshuri bagenda basobanukirwa binyuze mu matsinda atandukanye babanamo ku mashuri abafasha kubaka amahoro.

**FURAHA** avuga ko abanyeshuri bo mu nkambi n'abayituriye babanye neza ku bigo by'amashuri bigaho, kuko uba usanga bashyira hamwe mu byo bakora, aho uba usanga basobanurirana ibyo bize ku buryo bibafasha mu gutsinda neza, ndetse no kuba biga mu mashuri anwe bibafasha bamwe kwigira ku bandi.

Yongeraho ko bagerageza kubahuriza mu bikorwa bitandukanye kugira ngo ubufatanye n'umubano wabo byiyongere. Ati: "Abakiri mu mashuri yo hasi usanga nko mu masaha y'akaruhuko baba bari gukinira hamwe, mu masaha yo gufata ibyo kurya basangirira hamwe nta kuvangurana bafitanye."

"Ikindi abari mu myaka yo hejuru usanga bibumbira hamwe mu matsinda atandukanye agamije guteza imbere urubyiruko no kurwungura ubumenyi nka (**Environment club**) itsinda ryo kurengera ibidukikije, (**Club Anti SIDA**) itsinda rigamije kurwanya SIDA aho usanga bigiramo ibintu byiza bibashishikariza kurushaho kugirana ubumwe buzira amakimbirane". Akomeza avuga ko abarezi bagerageza uko bashoboye ngo bahe abanyeshuri bose uburere bwiza ngo ndetse hari impindika zigaragara uyu munsu ugereranije na mbere inkambi ikihagera.

Ati: "Mbere wasangaga abanyeshuri bo mu nkambi n'abo hanze nta bumwe bafitanye kuko wasangaga hari imico badahuje, bityo bikagorana kuba bahuza neza mu myigire yabo, cyane ko wasangaga abanyeshuri bo mu nkambi bafite imyitwarire itari myiza, aho wasangaga bahangara bagakubita abarimu babo, bakarwana n'abanyeshuri bo hanze y'inkambi ngo n'uko badahuje ibihugu.

Hari n'igihe babonaga amanota meza ugasanga babonye amahirwe yo kwiga mu bigo by'amashuri byiza, ariko ugasanga barabirukanye kubera imyitarire idahwitse bari bafite, kuko harimo abo birukanye bitewe n'ubujura bagiyе bagaragaza, biba ibikoresho by'ibigo by'amashuri bigamo".

**FURAHA** nk'umuntu umaze imyaka 12 ashinzwe uburezi bw'amashuri mu Nkambi ya Kigeme, avuga ko bimwe byagiye bibafasha mu kubanisha abanyeshuri neza harimo no kubatoza kwiga kubana neza n'ingeri zose, kuko bituma umubano w'abanyeshuri urushaho kugenda neza, kuko muba mwuzuzanya nta n'umwe ufobya igitekerezo cya mugenzi we, kandi bigatuma buri wese kwiga abigira inshingano ze, bityo bigatuma arushaho gutegura ahazaza he neza.

Ati: "Jyewe na bagenzi banjye dufatanyije uburezi twishimira umusaruro n'umusanzu twatanze kugira ngo uburezi bw'amashuri bugende neza yaba abanyeshuri bo mu nkambi n'abo hanze yayo nubwo amakimbirane atabura ntaho bapfa byinshi nk'uko byari bimeze.

Ikindi bitewe n'inama ababyeyi bagenda baha abana babo usanga birushaho gutanga umusaruro mwiza, kuko nta totezwa rikibaho ku banyeshuri hagati yabo". Akomeza ashimangira ko kuri ubu hari urubuga abayobozi b'ibigo, abarezi ndetse n'ababyeyi bahuriraho mu rwego rwo kugira ngo bajye barushaho guhana ibitekerezo byarushaho kuzana uburere bw'abana ndetse n'uko barushaho kubumbatira ibyiza n'umubano abanyeshuri bafitanye.

Furaha asaba ababyeyi kugira uruhare runini mu myitwarire y'abana babo, ndetse bakajya bahozaho mu kubaganiriza kugira ngo batazateshuka bakaba bagaragaza imyitwarire mibi.

Inkuru ya SHUKURU Alphonse (Stenton). | Ifoto ya MUTABAZI Yves.

# KU ISHURI ABANA BACU BAHABWA BYOSE KIMWE N'AB'IMPUNZI

**B**amwe mu babyeyi barerera abana mu Rwunge rw'Amashuri rwa Paysannat L batuye mu Murenge wa MAHAMA mu karere ka KIREHE bashima Leta y'U Rwanda ndetse n'ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku mpunzi UNHCR ku bikorwa byinshi bafashamo abana b'abanyeshuri b'Abanyarwanda n'ab'impunzi mu buryo bwo kubona ibibafasha muri rusange. kugira uburere bwiza mu gihe bari ku ishuri ndetse no mu miryango yabo. Ibi bikaba ari bimwe mu bituma abana bose babana mu mahoro nkuko byemezwa na bamwe mu babyeyi baganiriye na Nyiramubvande.



**MUKAYOBOKA Jonathane** w'imyaka 42 y'amavuko. Agira ati: "Abana bacu kwigana n'ab'impunzi tubifitemo inyungu nyinshi zitandukanye harimo kunguka ubumenyi, ubucuti, ubusabane ndetse no kuba ibikoresho abana b'impunzi bahabwa n'abacu babihabwa ku buntu ndetse bagasangirira hamwe nta makimbirane abana bacu bagirana n'ab'impunzi".

**NSENGIYUMVA Thomas** avuga ko ibyo impunzi zihabwa n'abana babo babihabwa ku buntu. Ati: "Yaba impuzankano, inkweto, ibikoresho by'ishuri birimo amakayi n'amakaramu ndetse n'ifunguro rya saa sita abana b'impunzi bahabwa n'abana bacu barabihabwa. icyo bitumariye ni uko amafaranga twishyuraga mbere ku ishuri, ubu atwunganira mu kwiteza imbere, tuyaguramo amatungo magufi yo korora kandi tugakomeza kubana mu mahoro".



**TWARABAMENYE Elizaphane** avuga ko abana babo kwigana n'ab'impunzi babifitemo inyungu nyinshi cyane aho na bo bigira ubuntu nk'ab'impunzi bigatuma imibanire yabo irushaho kuba myiza kuko bose bafatwa kimwe abana bakarushaho kubana neza ku buryo nta makimbirane bashobora kugirana.

**NSEKEYUKUNZE Vincent** we aragira ati "Akamaro dufite ku kuba abana bacu bigana n'ab'impunzi ni kanini muri rusange gusurana kwabo bigatuma natwe ababyeyi babo tumenyana biturutse ku bana bacu babanye neza nab'impunzi ku mashuri, gusangira byose ku mashuri no gukinira hamwe bituma natwe tubona ko gukorera hamwe ari byiza mu kwimakaza umuco w'amahoro".



**MUKAKIMENYI Cansilde** ati: "Nta makimbirane ahari ahubwo abana bacu buzuzanya n'ab'impunzi, ndetse natwe abo bana baraduhuzaga tugasabana n'ababyeyi babo aho bari mu nkambi bigatuma turushaho kugirana ubucuti bukomeye".



**MUHAWENIMANA Jacqueline** avuga ko abana babo bafatwa kimwe n'abana b'impunzi muri rusange, haba mu bikoresho by'ishuri, impuzankano n'amafunguro bikabafasha kubona ifunguro bavuye ku masomo ngo kubera uburyo HCR ibafata kimwe nta ho amakimbirane yamenera.



**YANKURIJE Valentine** arashima uburyo kuva inkambi yaza HCR na Leta bakomeje gukoresha uko bashoboye ngo abana bose bige kimwe kandi bahabwe byose ku ishuri mu rwego rwo kwanga ko bamwe bakumva ko bakunzwe kurusha abandi, Ati: "Ubufasha butavangura, abana bacu bigira ubuntu nk'ab'impunzi, bidufasha kuzigama bityo tukabona uko tubatangira imisanzu y'ubwisungane mu kwivuza n'imiryango yacu muri rusange kandi tukarushaho kwiteza imbere ku buryo amakimbirane hagati y'abana bacu n'ab'impunzi adashoboka kuko natwe ababyeyi tubanye neza".



**KWITONDA Gatoya** avuga ko kuba baturanye n'impunzi bibafasha byinshi, aho agira ati: "Amafanga nagatanze ku banyeshuri nyakoresha ibindi nko kuyakoramo ubucuruzi buciriritse kugira ngo abana bagire imibereho myiza bavuye ku mashuri kandi bikabarinda n'amakimbirane".



Inkuru ya HAKIZIMANA Emmanuel. | Amafoto ya AKIMANAYAREMYE Gaston.

# TUBAKURIKIRANYE BYADUFASHA TWEMBI

**M**u gihe ababyeyi babogamye cyangwa ntibakurikirane imyitwarire y'abana babo, na bo bashobora kugerwaho n'amakimbirane abana bagiranye ku ishuri. Nyirabucyeye Donatha na Mukeshimana Alice ni ababyeyi bafite abana biga mu kigo kimwe gihereye mu karere ka Gisagara mu Murenge wa Muganza bagiranye amakimbirane bitewe nuko abana babo barwanije ku ishuri.

**NYIRABUCYEYE** ati: "Mfite umwana mutoya akiga mu wa mbere iyo yajyaga kwiga agahura n' umwana wa Mukeshimana yahitaga amukubita kubera ko yamurushaga imbaraga ugasanga buri gihe ahora amuhohotera, ndetse hari n'igihe yamutwariraga n'ibikoresho by' ishuri, mbese yaramubujije amahoro".

**NYIRABUCYEYE** avuga ko umwana we akimara kubimubwira yagiye kureba Mukeshimana ngo yumve icyo bakora ngo bakemure ikibazo cy'abana babo. Ati: "Mucyeshimana narangije kumubwira uko bimeze ahita avuga ko ibyo bitamureba ko ibyo ari iby'abana, ngerageza kumwumvisha ko umwana we abangamira uwange iyo bari ku ishuri, ahubwo ahita yumva ko mwagira umwana, nuko dushwana dutyo".



Akomeza avuga ko yahamagaye wa mwana wa Mukeshimana aramuganiriza amubwira ko ibyo akora atari byo adakwiye kumukubita, ko ahubwo kuko ari we mukuru byaba byiza agiye amuba hafi igihe bari ku ishuri, abona abyakiriye neza, aramwumvira ntiyongera kumukubita.

**MUCYESHIMANA Alice** na we avuga ko yamaze kubona Donatha aje kumwihaniza amwamaganira kure amubwira ko umwana we atarwana ahubwo ko ari ukumubeshyera. Ati: "Nahise mubwira ko ibyo ntashobora no kubyumva, afata umwanzuro wo kuganiriza umwana wange, icyo gikorwa yakoze cyahise kintera kumenya amakuru y'icyo kibazo cyari hagati y'abana bacu nsanga koko yaramukubitaga".

**MUCYESHIMANA** akomeza avuga ko nyuma yo kumenya ukuri, yahise yigaya kubera ko yatekereje ukuntu yabishwaniye na Nyirabucyeye ahita afata umwanzuro wo kujya kumureba amusaza imbarabazi maze na we arankundira aranyumva, musobanurira ko nemera ko nafashe umwanzuro ntabanje kumenya ukuri kuri hagati y'abana bacu, ko nahubutse ko musabye imbarabazi bitazongera na rimwe maze twumvikana ko tugomba gufata umwanya tukaganiriza abana bacu ko bagomba kwirinda amakimbirane ku ishuri, maze bagahora basabana na bagenzi babo.

**MUCYESHIMANA Alice** na **NYIRABUCYEYE Donatha**, bagira inama abandi babyeyi bafite abana ko bagomba kujya bashaka amakuru y'abana babo, kuko hari abahohotera abandi ku ishuri, ibyo bigatera amakimbirane hagati y'abana ndetse n'ababyeyi babo, bongeraho ko umubyeyi wese agomba gushishikariza umwana we kubana n'abandi mu mahoro.

Inkuru n'ifoto bya NIKUZE Seraphine.

# TWAHINDUTSE ABAVANDIMWE NYUMA YO GUKUNDA UMUKOBWA UMWE

**K**u ishuri ni hamwe mu hantu hahurira abantu benshi kandi bakamarayo igihe kirekire. habayo gukundwa ndetse no kwangwa. ariko kikaba ikibazo iyo wanzwe kandi uwabiteye ari inshuti yawe magara mwigana. **GANZA Sabin na NGENDA HAYO Moise.** bakunze umukobwa umwe baza kugirana amakimbirane bamupfa kuko umukobwa yakundaga umwe muri bo.



Urukundo ni ingenzi mu buzima bwa muntu, ariko iyo ukunze umuntu ntibigende nkuko ubyifuza urababara, cyane cyane iyo hari uwabigizemo uruhare, bishobora gukurura amakimbirane hagati yawe n'uwu muntu.

Ubwo **Ganza** na **NGENDA HAYO** biganaga mu mashuri yisumbuye bari inshuti zisanzwe zifashanya mu masomo ndetse n'ibindi byo hanze y'ishuri, ubucuti bwabo bwaje kuzamo agatotsi ubwo bakundaga umukobwa umwe.

**Gukunda umukobwa umwe byatumye imyigire n'ubucuti bwabo bisubira inyuma**

**Ganza** atangira avuga ko ubwo bigagaga mu mwaka wa gatanu, yaje gukundwa umukobwa Ngendahayo yakundaga. ati: "Ubwo nakunze uwo mukobwa aranyanga nza kumenya ko

akunda Moise, byatumye nanga cyane Moise, kuko twari inshuti kandi abizi ko nkunda uwo mukobwa, numvaga ari we nyirabayazana kuko numvaga iyo atahabana nanyije nari gukundwa nk'abandi bana."

**NGENDA HAYO** na we avuga ko yaje kumva arakariye **Ganza** kuko yumvaga nta cyiza yamwifurizaga. Bitewe nuko bose bari barakaye nta numwe wafashaga undi nka mbere haba mu bijyanye n'amasomo ndetse n'ibindi byabahuzaga kuko buri wese yumvaga nta cyo yavugana na mugenzi we.

Bombi kandi bemeza ko aya makimbirane bari bafitanye yahungabanyije imyigire yabo, ndetse ko amanota yabo yasubiye inyuma mu bihembwe 2 bikurikiranyeye bitewe nuko bigaga mu ishuri rimwe. Ati: "Amanota yanjye ntiyari meza kuko ku giti cyanjye

iminsi myinshi sinigaga nahoraga ntekereza uwo mukobwa, ntekereza n'icyo nakora ngo mutware umuvandimwe, kandi kuko twiganaga mu ishuri rimwe byari bigoye ko nakiga ngo mbifate."

**NGENDA HAYO** na we avuga ko imyigire ye itari imeze neza ngo kuko nk'umuntu musanzwe mwigana iyo uzi ko uri buge mu ishuri ukamusangamo kandi mufitanye ikibazo ntibigenda neza

**Ganza yaje kwitekerezaho asaba imbabazi**

Ganza avuga ko yaje kwitekerezaho asanga yarakoze amakosa kuko nubwo yari yararakariye mugenzi we, ari we watse urukundo mbere kandi Moise atari we wabwiye umukobwa icyo gukora ahubwo ko byari imyanzuro y'umukobwa ku giti cye, nuko afata umwanzuro wo gusaba imbabazi mugenzi we.

**NGENDA HAYO** ati: "Byaranshimishije ko yafashe iya mbere akansaba imbabazi nk'umuntu twahozeho turi inshuti, ikindi cyanshimishije ni uko yari ampariye umwana, gusa bwa mbere narinzi ko aje kundyarya".

Bavuga ko nyuma yo kwiyunga bongeye bagafatanyaga nkuko byari bisanzwe ndetse bashyira imbaraga nyinshi mu kwiga kuko ari cyo kiba cyarabahuje, umubano urongera uba mwiza ndetse bafatanyije n'abandi bariga baratsinda.

**Baragira inama abandi banyeshuri na bo baba bahura ni cyo kibazo.**

**NGENDA HAYO** ati: "Njye nabagira inama yo kwitondera buri kintu cyose cyatuma utumvikana na mugenzi wawe mwigana kuko muba muhuje ubuzima bw'ishuri".

**Ganza** na we ati: "Njye inama natanga ni uko abanyeshuri bari muri icyo gihe, bakwiyunga bakumva ko ibintu barimo atari byo kandi bagakomeza gukorera hamwe, kuko nta keza kabwo kuko bituma umuntu aya ku gitutu cy'ubusa kandi burya icya mbere ari ugufatanyaga na mugenzi wawe".

Ubu **Ganza** yiga muri kaminuza y'u Rwanda n'aho Ngendahayo we afite ibyo ari gukora bitandukanye, bavuga ko iyo baguma muri izo ntambara z'urukundo nta cyo bari kugeraho ndetse bari gutsindwa ikizamini gisoza amashuri yisumbuye.

Inkuru n'ifoto bya IRADUKUNDA Irene.

# ABANYESHURI NI BO BAGOMBA KUBIGIRAMO URUHARE RUNINI

**N**DAYAMBAJE Donat, umuyobozi wungirije ushinze amasomo n'inyitwarire myiza y'abanyeshuri biga mu kigo cya Kigeme B, gihereye mu Nkambi ya Kigeme. atanga inama y'uburyo hahoshwa amakimbarane mu mashuri. hakoreshejwe uburyo butandukanye harimo n'ibiganiro.

Akomeza avuga ko ku ishuri kimwe n'ahandi hose hahurira abantu barenze umwe hadashobora kubura amakimbarane, ngo kuko nko ku ishuri ashobora kuba hagati y'umunyeshuri na mugenzi we cyangwa se hagati y'umunyeshuri n'umurera.

Muri ki kigo higamo abanyeshuri basaga 3200 harimo Impunzi z'Abanyekongo ndetse n'Abanyarwanda baturije inkambi, avuga ko mu myaka umunani amaze akiyobora, hagiye hagaragara amakimbarane aturutse ku bintu bitandukanye, ariko bakihutira kuyahosha mu gihe akigaragara. Ati: *"Biba byiza iyo amakimbarane akumiriwe ataraba kuko hari igihe avamwo guhohoterana bikaba byavamwo icyaha gihanwa n'amategeko atari ayo ku ishuri gusa ahubwo nashyirwaho na leta"*.

Akomeza agira ati: *"Icyagakozwe cy'ingenzi ni ukuyakumira ataragera aho hose, hakoreshejwe uburyo bwinshi butandukanye ariko ubw'ingenzi ni ibiganiro yaba hagati y'abanyeshuri bo ubwabo, cyangwa abarezi n'abanyeshuri, kuko iyo abantu baganiriyeye usanga babaye umwe, bityo niyo hagize ikibazo kiba hagati yabo bagikemura binyuze muri kwakuganira"*.

NDAYAMABAJE avuga ko imiyoborere myiza ari kimwe mu byatuma hakumirwa amakimbarane ku bigo by'amashuri, ngo kuko biba byiza mu gihe uretse abanyeshuri bakagira uruhare mu bibakorerwa. Atanga urugero nk'igihe hagiye gushyirwaho amategeko n'ibihano bizajya bihabwa abari mu makosa, bigakorwa hari n'abakoze amakosa, ibihano bakaba ari bo bagira uruhare mu kubishyiraho, ibyo bikaba byatuma hatabaho amakimbarane hagati y'abarezi n'abanyeshuri ashingiyeye mu kutumvikana ku bihano bihabya abanyeshuri.

Yongeraho ko kwirinda gutonesha abanyeshuri bamwe, na byo biri mu bikumira amakimbarane hagati y'abanyeshuri ubwabo ndetse n'abayobozi. Ati: *"Gufata abanyeshuri bose kimwe udatonesha bamwe, na byo biri mu bikumira amakimbarane, kuko iyo hari abatoneshwa kurusha abandi biteza amashyamba hagati y'abanyeshuri, ndetse n'abarezi bakavugwaga nabi na bamwe mu banyeshuri batatoneshejwe, amakimbarane akaba abonye umwanya"*.

Yungamo ko bumwe mu bundi buryo bakoreshe mu gukumira no gukemura amakimbarane ku ishuri ari imikino, ngo kuko bituma barushaho kumenyana, buri wese akamenya icyo mugenzi we yanga bityo ntiha gire ubangamira umuco wundi.


Ati: *"Hari igihe umunyeshuri w'Umunyarwanda yise uw'Umunyakongo akabwa azi ko ari kwiganirira ariko umuco w'Abanyekongo ubifata nk'igitutsi gikomeye kandi wenda Umunyarwanda yarabivuze adakomeje, icyo gihe biba ikibazo ariko binyuze mu mikino ndetse n'inama z'abarezi, ibibazo nkibyo biragabanuka kuko bituma bamenyana kurushaho"*.

NDAYAMBAJE akomeza avuga hari n'ubundi uburyo bwinshi bwo gukumira amakimbarane hagati y'abanyeshuri ariko bakaba ari bo bagomba kubigiramo uruhare. Muri ubu buryo harimo nko kwirinda gusebanya, kudahimbana amazina, koroherana, kuganira, kwirinda intonganya hagati yabo, kuvugisha ukuri, gufashanya, gusenga, kugendera kure y'ibiyobyabwenge, kwiga ushyizeho umwete, kwirinda ishyamba, kuba inyangamugayo, kwirinda kurobanura ku butoni ngo uvuge ngo uriya simwiyumvamo nta mpamvu, ndetse no kudashyira abantu mu gatebo kamwe.

Ati: *"Urugero niba umunyarwanda cyangwa Umunyakongo akoze ikosa ngo uhite uvuganga ngo n'ubundi ndabazi bariya ni ko bameze. Gusa ibyo byose abanyeshuri ni bo baba bagomba kubigiramo uruhare kugira ngo n'amasomo agende neza"*.

NDAYAMBAJE yemeza ko iyo amakimbarane yamaze kuba, icy'ingenzi kihutirwa kandi kiruta ibindi kugira ngo amakimbarane adafata urundi rwego ari ugusabana imbabazi, ugahuza impande zombi zifitanye amakimbarane ukabaganiriza, ukabigisha umuco wo gusaba imbabazi ndetse no kubabarira, dore ko ari na byo Imana idusaba.

Inkuru ya NIYONIZETE Noa. | Ifoto ya MUTABAZI Yves.



NDAYAMBAJE Donat, ushinze amasomo n'inyitwarire muri Kigeme B

# UMUTI NI UKO BURI WESE YAMENYA INSHINGANO ZE



**K**uva mu mwaka wa 2016. *Bigirimana Samuel*. ni Umuyobozi ushingwe imibereho myiza iterambere n'uburezi mu ishami Ry'Umuryango w'Abibumye ryita ku Mpunzi (UNHCR) rikorerwa mu Nkambi ya Mahama. Avuga ko nta makimbirane akunze kuba hagati y'abanyeshuri b'Abanyarwanda n'ab'impunzi biga mu Rwunge rw'Amashuri rwa Paysannat L (Groupe Scolaire Paysannat L) kubera ko akenshi usanga bava mu bihugu bituranyi bahuje byinshi birimo umuco ndetse n'ururimi.

Akomeza avuga ko aho amakimbirane agararagara rimwe na rimwe ari hagati y'abanyeshuri n'abarimu aturutse ku gukererwa n'ubusinzi bya bamwe mu banyeshuri, akabona umuti wayo ari uko buri wese yamenya inshingano ze.

**Gukererwa kugera ku ishuri, gutaha mbere y'igihe, ubusinzi no kwanga kwiyogoshesha ni bimwe mu bitera amakimbirane**

"Hari bamwe mu banyeshuri bajya ku ishuri amasaha yarenze n'abandi bagera mu ishuri ku gihe ariko bagataha mbere y'igihe nta we bamenyeshesheje, hakaba n'abanyeshuri bumva ko bagomba kwiyogoshesha uko bashakira cyangwa abatashakira kwiyogoshesha na mba kandi nta mpamvu yumvikana bafite, babanyuzamo umukasi kugira ngo bumve ko bikwiye bakijundika umwarimu wabikoze. Gusa amakimbirane ateye impungenge cyane ni aterwa n'ubusinzi aho usanga abanyeshuri biganjemo abavuye mu Nkambi ya Gihembe baza ku ishuri basinze ku buryo n'ubibabajije benda no kumukubita ugasanga uretse n'amakimbiarane bishobora no guteza umutekano muke, gusa icyo bibaye ubuyobozi bw'ikigo bufatanye n'ababyeyi kubikemura".

**Ubusumbane bw'imishahara ni kimwe mu bitera amakimbirane hagati y'abarimu**

Bamwe mu barimu biganjemo impunzi z'Abarundi bavugaga ko badahembwa amafaranga angana n'aya bagenzi babo b'Abanyarwanda bigisha hamwe kandi bafite impamyabumenyi zingana ugasanga bikuruye amakimbirane hagati y'abarimu ubwabo kuko baba babona batafatwata kimwe.

Bigirimana ati: "Abarimu b'Abanyarwanda bigisha muri paysannat L bahawe akazi n'uturere cyangwa ubundi buryo leta ishyira abakozi ikeneye mu myanya, mu gihe abarimu b'Abarundi bahigisha ari abakorera bushake bahembwa na UNHCR biciye muri ADRA (umushinga ukora ibijyane n'uburezi mu nkambi) bivuze ko bagomba kubona ibihumbi 30 nk'abandi bakorerwa bushake bo mu nkambi, kandi ibi biri mu mashuri abanza cyane kuko abo mu yisumbuye abenshi bafite impamyabumenyi zingana bahembwa angana, ikibazo kikaba abumva ko bose bakwiye guhembwa amwe cyangwa niba na bo kubongeza bitashoboka n'abandi bagabanyirizwe, kandi si umwihariko wa hano gusa kuko ahari inkambi hose mu Rwanda ni ko bimeze".

Iki kigo ni cyo gifite abanyeshuri benshi mu Rwanda dore ko kigwamo n'abarenga ibihumbi 24 biganjemo Impunzi z'Abarundi n'iz'Abanyekongo na bamwe mu Banyarwanda baturije Inkambi ya Mahama. Kuri ubu gifite (Groupe Scolaire Paysannat L A, B, C, D na E) buri cyose kigira ubuyobozi bwihariye, abarimu ndetse n'impuzankano ku banyeshuri bacyo.

Mu mwaka wa 2015 ubwo impunzi zatangiraga kuhigira cyari gifite ibyumba by'amashuri 25 ariko ku bufatanye na UNHCR hubatswe ibindi byumba ku buryo ubu gifite 213 kandi na byo Bigirimana ushinze uburezi avugaga ko bidahagije.

Inkuru ya Jean Aime Muhawenayo. | Ifoto ya INGABIRE Eric.

# NIBUZUZA INSHINGANO ZABO BIZABAFASHA

**U** muyobozi ushinzwe imyitwarire y'abanyeshuri mu kigo cy'amashuri yisumbuye cya Muganza, **BAKAKA Yusoufu**, yemeza ko amakimbirane mu mashuri agira ingaruka mbi ku myigire n'imitsindire by'abanyeshuri, akagira inama abanyeshuri ko baramutse bujuje inshingano zabo amakimbirane ntaho yakwinjirira.

**BAKAKA** avuga ko muri iki kigo higamo abanyeshuri batandukanye baba Abanyekongo n'Abanyarwanda ndetse babana neza muri rusange, babaho ubuzima bumwe, bigana, bagasangira nta gutonesha bamwe, ko niyo habaye ikibazo ari bimwe bisanzwe biba ku bantu babana mu buzima bwa buri muni.

Bakaka yemeza ko amakimbirane agira ingaruka nyinshi ku myigire y'abanyeshuri, ngo kuko aho gufata umwanya ngo yige aba atekereza kuri wa wundi bafitanye ikibazo. Ati: *"Iyo bibaye bibi rero bigana mu ishuri rimwe, abo bana ntiwabigisha ngo bafate pe. Iyo amakimbirane amaze igihe kirekire basubira inyuma mu myigire ku buryo bugaragara"*.

Akomeza avuga ko nubwo amakimbirane adakunze kuboneka muri iki kigo, iyo bibabaye umunyeshuri bamwerekera uburemere bw'ikosa yakoze, niba ari uguhangana na mwarimu we akamusaba imbabazi cyangwa se na bagenzi be akabasaba imbabazi.

*"Iyo bamaze gusabana imbabazi habaho kubakurikirana na nyuma yaho, hakabaho ibiganiro, bakajya bahurizwa mu bikorwa bitandukanye, ndetse n'amatsinda atandukanye harimo ay'umuco n'ubumwe n'ubwiyunge"*.

**BAKAKA** avuga ko mu gihe abanyeshuri bubahana, buri wese akubaha umuntu yaba uwo aruta cyangwa se umuruta, akamenya inshingano ze, akamenya amategeko y'ikigo, akiga no gufashanya na bagenzi be, ntaho amakimbirane yabona yinjirira.

Ati: *"Bitewe nuko kenshi biba ari amakosa y'umunyeshuri kugira ngo agirane amakimbirane na mwarimu, mu gihe yujuje inshingano ze, ayo makimbirane ntaho yava, ndetse no hagati y'abanyeshuri ubwabo yagabanuka"*.

Uyu muyobozi asoza agira inama abanyeshuri yo kwitonda ndetse bagahora bazirikana icyabazanye, ko ari ukwiga atari urugomo no kwanduranya na bagenzi babo cyangwa 'abarezi babarera ngo kuko ayo makimbirane kugira ngo avuke abenshi baba babigizemo uruhare.

Inkuru n'ifoto bya MUKAMURERA Deborah.





# MU MASHURI NA HO NI UKO

**K**uva mu mwaka wa 2013. **NSHIMYABO** Colonel ni umurezi ushinze imyitwarire y'abanyeshuri mu Rwunge rw'Amashuri rwa Gyarwa, ishuri rihereye mu Murenge wa Tumba ho mu Karere ka Huye. Ahamya ko amakimbirane atabura mu bigo by'amashuri kandi ko ari imbarutso y'ibibazo bituma ireme ry'uburezi ritagerwaho uko bikwiye.

makimbirane araboneka ariko ntakunze kwiganza, gusa iyo abonetse akunze guturuka ku bihano abanyeshuri bahabwa ntibabyishimire cyangwa se agaturuka ku myitwarire y'abanyeshuri idahwitse nko gukwepa amasomo cyangwa gukora ibitemewe mu kigo.

**NYIRAMUBANDE:** Ese ni ubuhe buryo mukoresha mu guhosha ayo makimbirane?



**NSHIMYABO:** Iyo Hari abanyeshuri bafitanye amakimbirane, icyo dukora ni ukwiyegereza abo bayafitanye, tukabahuza bakaganirizwa tukamenya ikibazo cyose uko kimeze kugira ngo tubone aho duhera tubakiranura, mbese muri make tukajya hagati tukabungana ntakubogama.

Iyo tubahuje ntibigire icyo bitanga noneho dutumizaho ababyeyi babo, ariko nta makimbirane hano akunze kugera kuri urwo rwego kuko umunyeshuri tumukurikirana umunsi ku muni tukamenya ubuzima bwe neza, havuka ikibazo tukakimenya kare.

Iyo hari amakimbirane hagati y'umunyeshuri n'umurezi babifata nk'uko umwana yagirana ikibazo n'umubyeyi bityo icyo bakora ari ukuganira n'uwo mwana bakamwereka inzira ya nyayo ndetse ko nta n'icyiza cy'amakimbirane.

**NYIRAMUBANDE:** Mukora iki ngo mugabanye amakimbirane mu kigo?

**NSHIMYABO:** Icyo dukora ni ugukangurira abanyeshuri kubana mu mahoro birinda icyo ari cyo cyose cyatuma batakaza ubumwe, ndetse buri muni mbere y'uko umurezi atangira inshingano aba agomba kubanza akareba ko abanyeshuri bose bameze neza mu rwego rw'ukwirinda ko havuka igiteza amakimbirane.

**NYIRAMUBANDE:** Ni izihe ngaruka mubona amakimbirane agira ku ireme ry'uburezi muri rusange?

**NSHIMYABO:** Amakimbirane atuma abanyeshuri bigana batiyumvanamo, ibyo kandi bigahuzwa no ku barimu n'abanyeshuri aho amakimbirane atuma buri wese ku ishuri atabasha kuzaza inshingano ze bityo ireme ry'uburezi rikadindirira. Uretse kwangiza umubano n'ubufatanye hagati y'abanyeshuri, hari igihe ayo makimbirane ashobora gukemurwa nabi bikaba byateza ibindi bibazo nko kuva mu ishuri cyangwa gutwara inda zitateganyijwe ku bangavu.

Uyu muyobozi agira inama abarezi n'abanyeshuri avuga ko ishuri ari ryo soko y'iterambere bityo ko buri wese agomba kwirinda amakimbirane kuko atuma intego z'ishuri zitagerwaho n'iterambere ntirigerweho.

Mu kiganiro kirambuye n'Ikinyamakuru **Nyiramubande**, **NSHIMYABO** ahamya ko kimwe n'ahandi hantu hahurira abantu, mu bigo by'amashuri na ho amakimbirane ahagaragara.

**NYIRAMUBANDE:** Ese ni ayahe makimbirane akunze kugaragara mu mashuri haba hagati y'abanyeshuri ubwabo cyangwa n'abarezi babo?

**NSHIMYABO:** Amakimbirane akunze kwiganza mu banyeshuri aturuka ku bwumvikane buke hagati yabo. Amakimbirane kandi ashobora guturuka ku burere n'imico y'abanyeshuri bitandukanye kuko abanyeshuri baba baturutse mu miryango itandukanye bityo umwe mu banyeshuri yashaka gukora ibyo yamenyereye gukorera iwabo kandi wenda bitemewe ahandi bikaba byateza amakimbirane. Ku ngendo ijyanye n'amakimbirane hagati y'abanyeshuri n'abarezi babo, ayo

Inkuru ya IRAMBONA Serge. | Ifoto ya IRADUKUNDA Irene.





MU BIGO BY'AMASHURI NA HO HASHOBORA KUGARAGARA AMAKIMBIRANE



3 KUBA UMWARIMU ATONESHA TETA, BITUMA NA WE YUMVA KO ARENZE BAGENZI BE, RIMWE NA RIMWE AKANABIRATAHO.

ARIKO NDI IBITANGAZA KOKO! UZIKO WAGIRANGO NINGE UGENERA UMWARIMU IBYO ATWIGISHA! UBUNDI NGENE NDI BYOSE PE. MU MIBARE NTA WE DUHANGANA KUKO BOSE NI INJISI. ARIKO STA, NANGE NTIBIZANGWA AMASHURI. UZIKO NTA NSHUTI NSIGARANYE, NGO SINDI UMUNNESHURI NKABO.



2 TETA NA MANZI BIGANA MU MWAKA WA KANE W'AMASHURI YISUMBUYE. TETA NI UMUHANGA, BIGATUMA UMWARIMU W'IMIBARE AMUKUNDA GYARE KURU... SHA ABANDI!

ARIKO KOKO UYU MWA RIMU KUKI ATWANGA?? AHAAA!! HARYA NGO NI UKO TURI INJISI??

TETA AKIRA SOMA IBI BINTU, NDABIZI MOWE URABYUMVA VUBA NTURARI NHA ZIRINA NJISI MWIGANA



4 GUTONESHWA KWA TETA BITUMA BAGENZI BE BAMUCIYIRIRA ISHURI. KUBERA IYO MPAMU, MANZI NA MUGISHA BAPANZE UMUGAMBI WO GUREMUKIRA. TETA KUGIRANGO ATINDWE

ARIKO SHA MUGI? UBONA UKUNTU KA TETA KAMAZE KWISHYIRA HEJURU? ARIKO NDABIZI BIRIYA BYOSE NI UKUBERA UMWARIMU W'IMIBARE

AKO KANTU NI KO.

WAREISE UBUNDI TUKAGA TWARA AMAHANE NIYE TWABEREBA AHO KONGE RA GUSHYIRA NI AMANOTA





1 MANZI NA MUGISHA BIBYE AMAKAYE YA TETA BARANGIJE BARAYA. TWIKA KUGIRANGO BAMUHIME ABURE AHO YIGIRA BITYO ATJINDWE.

EVANAA!! HAHIVE KOKO! UBUNGUBU UBWENGE BWIA TETA TURABUKONGOYE.

WAPI WANA! UBANDI SE BATUBWIRWA NIKI? KE RETSE NIBA ARI NDWE UJYA KUBINUUGA.

HAHAHAA!! ESUBU MANI? IBAZE BADUFASHE SHA NUGUHITA BATWIRU WANA BURUNDU PE!


KEWA, KEKA! REKA.



2 MU GIHE MANZI NA MUGISHA BARI BARI GUTWIHA AMAKAYE YA TETA, UMWE MU BARIMU YACIYeho AHITA ABABONA AREBYE ASANGA AMAKAYE BARI GUTWIKA ARI AYA TETA AHITA ABASHYIKIRIZA UBUYOBOZI BW'IKIGO.


YESOKO MANA!? IBYO N'IBIKI MURI GUTWIKA MWANKOKOZI ZIBIBI MWEE!

YEBABA WEE! MUGI UZIKO USHOBORA KUBA UTARA UMUKAKU. DORE BARADUFASHE.



3 MANZI NA MUGISHA BABAHANIRE IMBERE YA BAGENZI BAGO, BASABA IMBABAZI KUBWAMAHIRWE BARABABIRWA, NDITSE NABANDI BABONERAMO UMUNYANA WO KUGARAGAZA IKIBAZO KIRI MU ISHURI

TURASABA IMBABAZI TETA HA BAGENZI BAGO WO TWAHEMUTSE TUBITENYE NO KUGIRIRA ISHURI MUGENZI WACU KUKO MWARIMU W'IMIBARE AMUTONESHA KUTU KUSHA



4 NYUMA YO KUMENYA ICYO KIBAZO, UMUYOBOZI W'IKIGO YAHISE AKOYESHA INAMA ABANNESHURI, ABAYOBOZI NDITSE NIABARIMU BOSE

ISHURI NI ISOKO YEZO HEZO MURE ZA HIGIHUGU CYACU. IMINTU YAHISE TWARARA AMAKIMBURI, KE TWASE SHAKURARA AMANESHURI KE CYOSE SHAKURARA ABAREZI. NITUBA MAGATI YACU NIABAREZI. NITUBA CYANGWA SE MU RUKUNDO RE! KORA BYOSE MU RUKUNDO RE! KUBAZA TUZATERA IMBERE!



5 INAMA ZOMUYOBOZI W'IKIGO ZATUMYE NA WA MWAKINLU AMENYA AMAKOSA YE, ARABU! CUZA YIYEMZA KUTAZANGERA KUBABANURA ABANNESHURI UKUNDI.

1YO NTATONESHYA TETA, IBI NTABWO BIBA BYARAMUBAYE HO. AMAKOSA NI AYANGE, SINZA, BISUBIRA. WUKO UMUNYE SHURI NIINKU NDI

Nshuti basomyi b'ikinyamakuru Nyiramubande Muraho!

Muri iki gice tugiyeye kugaruka ku bitekerezo by'abasomyi b'ikinyamakuru Nyiramubande byakusanyijwe muri numero ya cyo ya 10, mu Nkambi ya **Mahama, Kigeme, Mugombwa** mu nkengero zazo no mu karere ka **Huye**.

Numero ya 10 yitwaga **"Twese twabikora neza!"**

**Ikaze basomyi.**

**ZIPOLA Emerance** w'imyaka 29 uherereye mu Nkambi ya Kigeme yagize ati: **"Hari impinduka nagize nyuma yo gusoma kuko harimo ibitekerezo byiza kandi byubaka urubiruko .Nka mbere hari imirimo imwe n'imwe nta koraga nko koza ibyungu (amasafuriya)".**

**KIGEME Evelyne** uherereye mu Nkambi ya Mahama yagize ati: **"Nakunze inyigisho ziri muri Nyiramubande zigisha kubana mu mahoro mu muryango".**

**MUGISHA Patrick** w'imyaka 24 uherereye mu Nkambi ya Kigeme yagize ati: **"Isomo nakuyemo ni ukutavunisha bashiki bacu twitwaje ko turi abahungu .Mujye mwandika n'inkuru zishishikariza urubiruko kwihangira umurimo".**

**SHINGIRO Daniel** w'imyaka 17 uherereye mu nkambi ya Mugombwa yagize ati **"Nasobanukiwe ko yaba umukobwa cyangwa umuhungu bese bashoboye ntawahariwe imirimo runaka wenyine bashingiye ku gitsina cye".**

**MUJAWIMANA Bora** w'imyaka 34 uherereye mu Nkambi ya Kigeme yagize ati: **"Isomo nakuyemo ni ukubaha umufasha wawe utamuvunisha. Mu kunoza Ikinyamakuru Nyiramubande muzazane radio mu Nkambi ya Kigeme".**

**BAREKEBAVUGE Felix** w'imyaka 28 uherereye mu nkambi ya Mahama yagize ati: **"Gufatanywe imirimo yo mu rugo nk'abashakanye byongeraga urukundo n'iterambere mu muryango. Nungutse ko kujya inama birinda amakimbirane".**

**RWIBASIRA Pacifique** w'imyaka 22 uherereye mu Nkambi ya Kigeme yagize ati: **"Isomo nungutse ni ukudasuzugura imirimo yo mu rugo .Ubutaha icyo mwanzo ni uko kuri buri nkuru hajyaho ifoto".**

**NYIRABARERA Zainabu** w'imyaka 48 uherereye i Mahama yagize ati: **"Isomo nakuyemo ni ugusobanurira abandi uburunganire icyo ari cyo, abashakanye birinda gusuzugurana." Nakunze inkuru iri kuri page ya 21 yagiraga iti: "nta murimo wagenewe umugabo cyangwa umugore".**

**MUYIZERE Innocente** w'imyaka 30 uherereye i Kigeme yagize ati: **"Nasobanukiwe ko kutumva neza ihame ry'uburunganire n'ubwuzuzanye bishobora guteza ikibazo ku mibanire, ku bashakanye no mu rubiruko kuko nasanze bigaragarira ku burere bw'abana no kudidindiza iterambere".**

**NZEYIMANA Daniel** uherereye Mahama yagize ati: **"Isomo nkuyemo ni ukwimakaza ihame ry'uburunganire n'ubwuzuzanye mu muryango no kuzajya mfatanywe n'abashiki banjye mu mirimo yo murugo".**

**Gahonzire Dinnah** w'imyaka 15 uherereye mu Nkambi ya Mugombwa yagize ati: **"Numvaga ko hari akazi kagenewe abagore nko kubagara nta mugabo ubikora ariko nasanze buri wese ashoboye".**

**IRANKUNDA Thomas** uherereye i Mahama yagize ati: **"Nanjye nemeraga ko hari imirimo yagenewe abakobwa cyangwa abahungu gusa nyuma yo gusoma Ikinyamakuru Nyiramubande nsobanukiweko ibyo natekerezagaba bishobora kuba intandaro y'amakimbirane mu muryango".**

Turagushimiye cyane wowe wafashe umwanya wo gusoma ibitekerezo by'abasomyi ba **NYIRAMUBANDE**, tunagukangurira kwitabira kujya mu itsinda ry'abasomyi b'iki kinyamakuru! Niba hari igitekerezo wifuza kutugezaho cyangwa wifuza kujya muri itsinda ry'abasomyi n'abakunzi ba Nyiramubande watwandikira ubutumwa bugufi kuri numero **0728028232** cyangwa **0787581411**.

**Turabifuriza intangiriro nziza z'umwaka wa 2022 muba ababiby b'amahoro aho muri.**



**BAKUNZI BACU**

DORE NYIRAMUBANDE IMAZE KUGERA KURI NUMERO YAYO YA 10. NKUKO MWARI MWABIDUSABYE TURIFUZA GUSHYIRAHU CLUB YA ABASOMYI BA NYIRAMUBANDE.

ESE WABA WIFUZA KUZABA UMWE MUBAZAJYA BITABIRA IBIKORWA BYA NYIRAMUBANDE ?

**Andikira iyi nimeru:**

**0728028232 cyangwa se kuri numero ya 0787581411**

Ejo Youth Echo ni umuryango ukoresha itangazamakuru mu kwimakaza umuco w'amahoro, kwamagana ihohoterwa, kurengera uburenganzira bwa muntu, no gushyigikira umuco wo gushyira mu bikorwa intego z'ikinyagihumbi ry'iterambere ryo muri Africa yo hagati. Uyu muryango ubarizwa i Kigali. Imishinga y'umuryango Ejo Youth Echo ikorerwa mu Rwanda ikagera ku mubare munini w'urubyiruko mu kurufasha kugera ku ntego y'amahoro, n'ubumuntu buboneye urungano rw'iki gihe.



**KURIKIRANA IKIGANIRO EJO KURI RADIYO IJWI RY'AMERIKA**



**104.3FM**

**Kuwa Gatandatu**

Saa Kumi n'ebyiri n'igice  
**06:30 MU GITONDO**

**Ku Cyumweru**

Saa 05:35 Mu rukerera  
Saa 08:05 Mu gitondo  
Saa 17:05 Ku mugoroba

+250787581411  
+250728028232

www.ejoyouthecho.com  
ejoyouthecho@gmail.com

  
ejoyouthecho

